# AMABWIRIZA AGENGA

# Rwanda Premier League

EST - 2023

RWANDA
PREMIER LEAGUE

## IBIKUBIYEMO


IGICE CYA MBERE: INGINGO RUSANGE ..... - 4 -

Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije n'abo areba ..... - 4 -

Ingingo ya 2: Inshingano za Rwanda Premier League na Komisiyo ishinzwe amarushanwa muri FERWAFA.. - 5 -

Ingingo ya 3: Uburyo bwo guhererekanya ubutumwa bwemewe (Means of communication) ..... - 6 -

IGICE CYA KABIRI: IMITERERE N' IMIGENDEKERE Y'IRUSHANWA ..... - 6 -

Ingingo ya 4: Uburyo irushanwa rizakinwamo (Format) ..... - 6 -

Ingingo ya 5: Amasaha, Itariki n'ibibuga. ..... - 8 -

Ingingo ya 6: Gukoresha ikibuga kimwe n'amakipe ahuriye ku ntego zimwe ..... - 11 -

Ingingo ya 7: Gusezera cyangwa kudakomeza irushanwa ..... - 12 -

Ingingo ya 8: Ibyerekeye kwemeza ibyavuye mu mikino (match homologation) ..... - 12 -

Ingingo ya 9: Umutekano, Imbangukiragutabara no kutagera ku kibuga ..... - 14 -

IGICE CYA GATATU: ABAKINNYI, IMYAMBARO N'IBIKORESHO BY'IKIPE BYEMEWE NDETSE N'IBISABWA KU MUKINO ..... - 16 -

Ingingo ya 10: Urupapuro rw'umukino n'umubare w'abasimbura wemewe ..... - 16 -

Ingingo ya 11: Umubare w'abakinnyi b'abanyamahanga wemewe ..... - 18 -

Ingingo ya 12: Kwandikisha abakinnyi ..... - 18 -

Ingingo ya 13: Ibyerekeye gutizanya abakinnyi ..... - 19 -

Ingingo ya 14: Imyambaro ..... - 20 -

Ingingo ya 15: Ubuzima bw'abakinnyi no guteganya ihinduka ry'ibihe ..... - 23 -

Ingingo ya 16: Uko abayobozi b'umukino bashyirwaho ..... - 24 -

Ingingo ya 17: Imihango ya mbere y'umukino no mu gihe cy'umukino ..... - 25 -

Ingingo ya 18: ibihano n'ibirego ..... - 28 -

Ingingo ya 19: Ibyerekeye kujurira ..... - 30 -

Ingingo ya 20: ibyerekeye guhagarikwa no Kwirukanwa ..... - 30 -

Ingingo ya 21: Ibyaha bikomeye (Ruswa, kugena ibiva mu mukino (Match Manipulation) Kugaragara mu bikorwa byo gutega n'ibindi) ..... - 31 -

Ingingo ya 22: Kugurisha amatike y'umukino ..... - 34 -

IGICE CYA KANE: IMIKORANIRE N'ITANGAZAMAKURU, N'ABAFATANYABIKORWA, ..... - 35 -

Ingingo ya 23: Imikoranire n'itangazamakuru ..... - 35 -

Ingingo ya 24: Imikoranire n'abafatanyabikorwa n'abaterankuga ..... - 36 -

Ingingo ya 25: Imikoranire n'ikigo cyerekana imikino ..... - 37 -

Ingingo ya 26: Ibirebana no kwamamaza n'uburenganzira bwo gucuruza (Publicity and comercial rights). - 38 -

Ingingo ya 27 : Uruhushya rwo gutangaza amarushanwa n'imyidagaduro ..... - 39 -

IGICE CYA GATANU: IGIKOMBE N'IMIDARI ..... - 39 -

Ingingo ya 28: Igikombe n'imidari ..... - 39 -

IGICE CYA GATANU: KUBAHIRIZA AMATEGEKO, AMABWIRIZA, N' IBYEMEZO BYA RWANDA PREMIER LEAGUE NA FERWAFA ..... - 40 -

Ingingo ya 29: Kubahiriza amabwiriza ..... - 40 -

IGICE CYA KANE: INGINGO ZISOZA ........ - 40 -
Ingingo ya 30: Ibidateganyijwe muri aya amabwiriza n' Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mategeko shingiro ........ - 40 -
Umugereka I: IMBONERAHAMWE Y'IBIHANO (AMANDE) ........ - 42 -
Umugereka II: IMBONERAHAMWE Y'UBURENGANZIRA BWA RWANDA PREMIER LEAGUE N'UBW'AMAKIPE MU BY'UBUCURUZI NO KWAMAMAZA ........ - 43 -

# AMABWIRIZA AGENGA RWANDA PREMIER LEAGUE

## IGICE CYA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije n'abo areba

**1.1.** Aya mabwiriza agamije gushyiraho inshingano n'uburenganizra bw'amakipe n'abandi bose barebwa na Shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo (RWANDA PREMIER LEAGUE) (Muri aya mabwiriza shampiyona iritwa **"Irushanwa"**) ihuza amakipe yo mu cyiciro cya mbere mu bagabo abyemererwa n'amategeko. Irushanwa rikinwa n'amakipe 16.

**1.2.** Irushanwa rikinwa n'amakipe yarangije Shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mwaka w'imikino ushize ari mu myanya 14 ya mbere kongeraho amakipe yasoje mu myanya ibiri ya mbere muri Shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu mwaka w'imikino ushize. Nta kipe yemerewe gukina irushanwa itarahawe urushushya na FERWAFA rwo kwitabira amarushanwa y'umwaka w'imikino (FERWAFA CLUB LICENSE). Icyakora, FERWAFA ishobora guhindura umubare w'amakipe akina iri rushanwa ibisabwe na Rwanda Premier League ku mpamvu zigamije kuzamura ireme ry'irushanwa.

**1.3.** Abarebwa n'aya mabwiriza:

- **a)** Abayobozi n'abahagarariye FERWAFA na Rwanda Premier League;
- **b)** Abayobozi b'amakipe yemerewe gukina Rwanda Premier League;
- **c)** Abatoza;
- **d)** Abakinnyi;
- **e)** Abayobozi b'imikino;
- **f)** Abanyamakuru ba Siporo bahawe uburenganzira bwo gukurikira imikino ya Rwanda Premier League;
- **g)** Abareba umupira cyangwa abafana.
- **h)** Abahagarariye izindi nzego zifite uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya Rwanda Premier League;

**1.4.** Umukino uzwi kandi wemewe ni umukino w'irushanwa wateguwe na FERWAFA cyangwa Rwanda Premier League. Birabujijwe ku makipe avugwa muri aya mabwiriza gukina imikino

yateguwe n'abantu ku giti cyabo cyangwa amashyirahamwe y'abantu nta burenganzira bubanje gutangwa na FERWAFA cyangwa Rwanda Premier League, bitaba ibyo hakubahirizwa ibihano biteganyijwe mategeko ya FERWAFA na Rwanda Premier League.

## Ingingo ya 2: Inshingano za Rwanda Premier League na Komisiyo ishinzwe amarushanwa muri FERWAFA

Haseguriwe ibivugwa mu mategeko Shingiro ya FERWAFA n'aya Rwanda Premier League ndetse no mu rwego rwo kunoza imitegurire y'irushanwa, Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bufite inshingano zikurikira:

- **a)** Gutegura Ingengabihe y'irushanwa igashyikirizwa Komisiyo y'amarushanwa ya FERWAFA kugira ngo yemezwe hagendewe ku ngengabihe y'imikino mpuzamahanga;
- **b)** Kugena cyangwa Guhindura itariki, isaha n'ibibuga imikino iberaho hagendewe ku mpamvu zumvikana;
- **c)** Gukusanya, kubika no gutangaza amakuru yose ajyanye n'imigendekere y'imikino harimo urutonde rugaragaza uko amakipe akurikirana, ibihano byo guhagarika abakinnyi n'abayobozi ndetse n'ibindi bijyanye n'imicungire y'amarushanwa. Mu kuzuza iyi nshingano, hashobora gukoreshwa uburyo bw'ikoranabuhanga bwa FIFA COMPETITION MANAGEMENT SYSTEM.
- **d)** Kwakira ibirego no kubishyikiriza inzego zibishinzwe za FERWAFA kugira ngo byigweho.
- **e)** Gufata ibyemezo by'ibanze ku mpaka zijyanye no kwemeza ibyavuye mu mikino igihe hari ikipe yazitanze (Homologation des resultats)
- **f)** Gutanga ibihano bijyanye no guca amande bivugwa muri aya mabwiriza
- **g)** Gushyiraho abandi bayobozi b'umukino ba ngombwa mu rwego rwo kunoza imitegurire n'imigendekere y'imikino.
- **h)** Gusohora inyandiko zunganira ibikubiye mu mategeko shingiro yavuzwe haruguru ndetse n'aya mabwiriza hagamijwe gusobanura no kwibutsa inshingano z'abo bireba bose (Circular letters)

FERWAFA binyuze mu nzego zayo zitandukanye harimo Komisiyo y'amarushanwa, Komisiyo y'Imyitwarire n'inzego zishinzwe gutanga impushya ifite inshingano zo:

- **a)** Gutanga impushya zemerera amakipe kwitabira amarushanwa
- **b)** Gufata ibihano mu rwego rw'imyitwarire

c) Gufata ibyemezo ku mpaka zishingiye ku byavuye mu mikino (Homologation de resultats) igihe ikipe itishimiye icyemezo cy'Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League ku rwego rwa mbere. Icyemezo cya Komisiyo y'amarushanwa muri uru rwego ni ndakuka kandi ntikijuririrwa.

d) Kwemeza aya mabwiriza.

e) Gucunga uburyo bukoreshwa bw'ikoranabuhanga mu kwandikisha abakinnyi n'abandi bafatanyabikorwa mu marushanwa.

### Ingingo ya 3: Uburyo bwo guhererekanya ubutumwa bwemewe (Means of communication)

Uburyo bwemewe bwo guhererekanya ubutumwa hagati y'amakipe, abafatanyabikorwa na Rwanda Premier League ni ubuciye muri imwe mu nzira zikurikira:

a) Ibaruwa iriho umukono w'urwego cyangwa uwandikiwe yemeza ko yayakiriye

b) Ibaruwa cyangwa ubutumwa bwa e-mail byoherejwe Kuri aderesi za emails z'ikipe cyangwa Umuyobozi wayo (Perezida cyangwa Uhagarariye Ubunyamabanga Bukuru bw'ikipe) zigaragara mu makuru y'ikipe yatanzwe muri gusaba uruhushywa ruyemerera gukina (Club licensing) cyangwa muri sisitemu amakipe yifashisha mu kwandikisha abakinnyi (FIFA-FERWAFA CONNECT, TMS, etc,...). Mu rwego rwo kuvanaho urujijo, Kudasura email ntibiha impamvu ikipe cyangwa umuntu yo kuvuga ko ubutumwa itabwakiriye).

## IGICE CYA KABIRI: IMITERERE N' IMIGENDEKERE Y'IRUSHANWA

### Ingingo ya 4: Uburyo irushanwa rizakinwamo (Format)

**4.1.** Amakipe 16 ni yo akina irushanwa ku buryo buri kipe ihura n'indi inshuro imwe mu mukino ubanza n'inshuro imwe mu mukino wo kwishyura.

**4.2.** Nyuma y'uko amakipe yose amaze gukina imikino 30 (ni ukuvuga kwakira imikino 15 no gusohoka imikino 15), ikipe izaba ifite amanota menshi kurusha andi ni yo izatwara igikombe cya Shampiyona.

**4.3.** Amakipe abiri azaba afite amanota make kurusha andi ni yo azamanuka mu cyiciro cya kabiri.

**4.4.** Imikino ihabwa amanota ku buryo bukurikira:

- umukino utsinze: amanota atatu (3);
- umukino unganyije: inota rimwe (1);
- Umukino utsinzwe: ubusa (0);
- umukino utsinze kuri mpaga: amanota atatu (3), ibitego bitatu (3), ubusa bw'ibitego winjijwe (0);
- Umukino utsinzwe kuri mpaga: ubusa bw'amanota (0), ubusa bw'ibitego (0), Ibitego bitatu winjijwe (3)

**4.5.** Iyo ikipe itsinzwe umukino ku buryo bwa mpaga, ibyemezo bikurikira bishyirwa mu bikorwa :

**a)** Iyo ikipe yatsinze umukino byemejwe ko iteye mpaga, ibona amanota atatu (3) kandi ikagumana amahirwe yo kugumana ibitego yatsinze igihe umubare w'ibitego uruta ibitego bibarwa iyo hatanzwe mpaga. Ikipe yatsinzwe kubera mpaga, nta manota ihabwa, ahubwo habarwa ko itsinzwe ibitego bitatu (3) cyangwa se ibirenzeho igihe biri ibitego yatsinzwe mu mukino biri hejuru ya bitatu.

**b)** Iyo ikipe yatsinzwe umukino ariko ikemezwa ko itsinze ku buryo bwa mpaga, iba ibonye amanota atatu (3), ibitego bitatu (3) n'ubusa bw'ibitego itsinzwe/yinjijwe. Naho ikipe yatewe mpaga nta nota ibona cyangwa igitego ahubwo babara ko yatsinzwe ibitego bitatu (3).

**c)** Iyo amakipe yanganyije mu mukino, ikipe yatsinze ku buryo bwa mpaga iba ibonye amanota atatu (3), ibitego bitatu (3) no kwinjizwa ubusa bw'ibitego, naho ikipe yatsinzwe hakoreshejwe uburyo bwa mpaga yo iba ibonye amanota ubusa, ibitego ubusa no gutsindwa ibitego bitatu (3).

**4.6.** Uko amakipe azakurikirana mu gihe imikino irangiye hagenderwa kuri ibi bikurikira no mu buryo bukurikira (following order):

**a)** Amanota menshi yabonetse nyuma y'imikino yose

**b)** Amanota menshi mu mikino yahuje amakipe anganya amanota (H2H)

**c)** Ikinyuranyo k'ibitego nyuma y'imikino yose (GD)

**d)** Umubare mwinshi w'ibitego ikipe yinjije mu mikino yose (GF)

**4.7.** Mu gihe amakipe abiri cyangwa arenze abiri ahuje ibiteganywa mu gika kibanza, kuyakurikiranya hakurikizwa ibi no mu buryo bukurikira:

**a)** Umubare w'amanota yabonetse nyuma y'imikino 30 hagati y'amakipe bireba.

b) Ikipe yabonye amanota menshi mu mikino yahuje amakipe bireba (H2H)

c) Ikinyuranyo cy' ibitego hagati y'amakipe bireba nyuma y'imikino yose.

d) Umubare munini w'ibitego byinjiye nyuma y'imikino 30 hagati y'amakipe bireba.

e) Umubare munini ku bijyanye na fair play ugendeye ku makarita y'umuhondo n'umutuku byabonetse mu mikino yose:

- Ikarita y'umuhondo: Gukurwaho inota rimwe rya fair play (1)
- Ikarita itukura (amakarita abiri y'umuhondo): Gukurwaho amanota atatu ya Fair play (3)
- Ikarita itukura y'ako kanya (direct red card): Gukurwaho amanota ane ya fair paly (4)
- Ikarita y'umuhondo n'ikarita itukura y'ako kanya (direct red card): Gukurwaho amanota ane ya fair paly (5)

f) Tombola ikoreshejwe na Rwanda Premier League.

**4.8.** Amategeko y'umukino (laws of the game) azifashishwa mu irushanwa ni ayashyizweho n'inama nkuru y'ubutegetsi y'umupira w'amaguru ku isi (IFAB).

### Ingingo ya 5: Amasaha, Itariki n'ibibuga.

**5.1.** Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League nibwo bufite ububasha bwo gushyiraho cyangwa guhindura ikibuga, amatariki n'amasaha imikino iberaho.

**5.2.** Hagati y'umukino n'undi ukurikira w'irushanwa ikipe yitabira ryateguwe na FERWAFA, CECAFA, CAF cyangwa FIFA, hagomba kubahirizwa intera y'iminsi itatu ( Amasaha 72). Mu gihe iyo ntera y'iminsi itatu itabashije kubahirizwa, umukino usubikwa na Rwanda Premier League, hakamenyeshwa impande bireba. Itariki nshya y'umukino yemezwa hashingiwe ku isuzuma rya Rwanda Premier League ku ngengabihe y'irushanwa. By'umwihariko, ku makipe yitabira imikino mpuzamahanga itegurwa na CECAFA, CAF cyangwa FIFA iyo ntera y'iminsi itatu igomba kubahirizwa iyo umukino wabereye mu Rwanda naho iyo umukino wabereye hanze y'u Rwanda umukino ukurikira w'irushanwa (Rwanda Premier League) igomba kuwukina nibura mu gihe kitari munsi y'iminsi ibiri uhereye igihe ikipe yagereye mu Rwanda.

**5.3** Ku makipe afite abakinnyi barenze babiri bahamagawe n' ikipe y'igihugu y'u Rwanda cyangwa ikindi gihugu, imikino yayo ikurikira mu irushanwa (Rwanda Premier League) nyuma y'imikino y'amakipe y'Igihugu ishyirwa nibura mu gihe kitari munsi y'iminsi itatu uhereye igihe umukinnyi

wa nyuma yakiniye Igihugu cye haba hanze y'u Rwanda cyangwa mu Rwanda. Icyakora iyo abakinnyi bavugwa muri iyi ngingo bitabiriye imikino y'ikipe y'igihugu mu gihe kitateganijwe na FIFA, CAF cyangwa CECAFA, ibivugwa muri iyi ngingo ntibyubahirizwa kuko ikipe ntitegetswe kurekura abakinnyi mu gihe gitandukanye n'ingengabihe y'imikino mpuzamahanga iba yarashyizweho na FIFA.

**5.4.** Mu gihe ikipe imwe ifite imikino myinshi yasubitswe, si ngombwa ko isubirwamo hakurikijwe gahunda y'iminsi (Matchday) uko yari ikurikiranye. Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League nibwo bugena uko iyo mikino isubirwamo.

**5.5.** Itariki, ikibuga, isaha umukino ukinirwaho ntibishobora guhinduka keretse iyo hari impamvu yumvikana yemejwe n'Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League kandi bwayimenyeshejwe nibura iminsi 5 mbere y'umukino. Iyo Rwanda Premier League ihinduye ikibuga, itariki n'isaha y'umukino, imenyesha izo mpinduka amakipe n'izindi nzego zirebwa n'uwo mukino mbere nibura y'amasaha 48 ngo uwo mukino ube. Nta gihe na kimwe ikipe yakiriye umukino isaba gusubizwa ibyo yatanze mu gutegura uwo mukino kubera impinduka zabayeho.

Haseguriwe ibimaze kuvugwa mu bika bibanziriza iki, nta kipe yemerewe gusaba guhindura amasaha cyangwa itariki y'umukino yitwaje ibi bikurikira:

- **a)** Kuba ikipe ifite abakinnyi b'abanyeshuri batazagaragara ku mukino runaka kubera impamvu z'ishuri.
- **b)** Kuba umukino w'ikipe nkuru wahuriranye n'uw' ikipe yayo y'abato.
- **c)** Kuba umukino wayo wahuriranye n'imikino y'amashuri (Championnat Interscolaire / Rwanda School Championships)
- **d)** Kuba ikipe yabuze imbangukiragutabara (ambulance).
- **e)** Kuba ifite abakinnyi bahamagawe mu makipe y'igihugu bari munsi ya batatu.

**5.6.** Imikino izajya ibera ku bibuga byemewe hakurikijwe amategeko abigenga ya FERWAFA. Buri kipe igomba kugaragaza ikibuga izajya ikiniraho imikino yayo kugira ngo kigenzurwe niba cyujuje ibisabwa na FERWAFA mu gihe cyagenwe. Nta kipe yemerewe guhindura ikibuga yakiriraho hagati mu mwaka w'imikino, Icyakora, Ubunyamabanga bukuru bwa Rwanda Premier League bushobora kwemeza guhindura ikibuga kubera impamvu zikurikira:

- Ikibuga cy'ikipe cyari mu mirimo yo kuvugururwa cyangwa gusanwa iyo mirimo ikaba yarangiye hagati mu mwaka w'imikino. Icyo gihe kipe bireba yandika isaba kongera kwakirira imikino yayo Kuri icyo kibuga.
- Bigaragara ko ikibuga ikipe yakiniragaho cyangiritse cyane ku buryo kitakibashije gukinirwaho. Icyo gihe ikipe bireba isabwa gushaka ikindi kibuga cyujuje ibisabwa.
- Mu gihe Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda premier League bwifuza gushyira imikino imwe n'imwe y'amakipe ari mu rugamba rwo guhatanira Igikombe cyangwa kutamanuka mu cyiciro cya kabiri kandi akoresha ikibuga kimwe mu rwego rwo kurengera no gusigasira ireme ry'irushanwa.
- Indi mpamvu yumvikana yasuzumwe ikemezwa n'Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League.

**5.7.** Ni inshingano za buri kipe kumenyesha abafatanyabikorwa mu migendekere myiza y'amarushanwa barimo Urwego rushinzwe stade/ikibuga bakiniraho, inzego z'umutekano n'abandi ingengabihe y'imikino yayo n'impinduka zigenda zikorwa. Igihe hari gahunda zateguwe n'urwego rushinzwe Stade zigomba kwisunga no kugendera kuri gahunda y'imikino ya Rwanda Premier League cyeretse gusa gahunda zitunguranye kandi zifite impamvu yumvikana igaragaza uko gutungurana yemejwe n'Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League. Muri icyo gihe ikipe isabwa kubimenyesha Rwanda Premier League nibura iminsi irindwi mbere y'igihe umukino wari warateganyijwe hanyuma Rwanda Premier League yakwemeza iyo mpamvu ikamenyesha impinduka amakipe n'abandi bafatanyabikorwa bireba mu gihe kitari munsi y'amasaha 72 uhereye igihe umukino wari uteganyijwe gukinirwaho. Ikipe itubahirije ibivugwa muri iyi ngingo ishobora guhabwa ibihano birimo amande nk'uko biteganywa n'aya mabwiriza. Ikipe itubahirije ibikubiye muri iyi ngingo ihanishwa gucibwa amande angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (Frw 500,000).

**5.8.** Amakipe agomba kugera ku kibuga kiberaho umukino nibura isaha imwe n'igice mbere y'isaha yagenwe y'umukino. Ikipe irengeje iminota 15 ku y'isaha yagenwe kugira ngo umukino utangire itaragera ku kibuga iterwa mpaga y'ibitego bitatu ku busa ikanacibwa amande y'ubukererwe ateganyijwe mu mbonerahamwe y'ibihano iri muri aya mabwiriza.

**5.9**. Ikipe bigaragaye ko ikibuga cyayo cyangiritse hashingiwe ku mabwiriza abigenga yihanangirizwa mu nyandiko n'Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League, igasabwa kugitunganya mbere yo kwakira umukino wa Rwanda Premier League ukurikiyeho. Iyo ibi bibaye inshuro ebyiri zikurikiranya igenerwa ibihano bikubiye mu mbonerahamwe y'ibihano iri muri aya mabwiriza. Iyo ibi bibaye inshuro eshatu zikurikiranya ikipe iterwa mpaga ikanategekwa gushaka ikindi kibuga yakiriraho imikino.

**5.10**. Ikipe yambuwe uburenganzira bwo kwakirira ku kibuga kubera ko cyangiritse yongera kubuhabwa n'Ubunyambanga Bukuru bwa Rwanda Premier League nyuma y'uko iyo kipe yanditse isaba ko ikibuga cyayo cyongera kugenzurwa hashingiwe kuri raporo y'ubugenzuzi bw'ikibuga bushyirwaho na FERWAFA.

**5.11.** Buri kipe isabwa kuzana ikibaho kifashishwa mu gusimbuza abakinnyi ku mukino yakiriye (Substitution board). Ibi iyo bidakozwe ikipe yakiriye icibwa izahabu y'amafaranga ibihumbi maganatanu (500.000 Frw)

### Ingingo ya 6: Gukoresha ikibuga kimwe n'amakipe ahuriye ku ntego zimwe

Iyo amakipe abiri cyangwa arenga yakirira ku kibuga kimwe, kandi Rwanda Premier League ibona ko ari ngombwa ko ayo makipe akina ku isaha imwe kubera guhatanira intego imwe (nko guhatanira igikombe, kuguma mu cyiciro, cyangwa indi ntego ifatika), mu rwego rwo kubungabunga ubuziranenge, ubunyangamugayo n'imigendekere myiza y'amarushanwa:

**6.1.** Ikipe iri imbere ku rutonde rwa shampiyona ni yo ikomeza kwakirira ku kibuga ayo makipe arebwa n'iyi ngingo asanzwe yakiriraho.

**6.2.** Ikipe cyangwa amakipe akurikiyeho ku rutonde asabwa gushaka ikindi kibuga cyemewe n'amabwiriza ya FERWAFA.

**6.3.** Ikipe yimukiye ku kindi kibuga ni yo yishyura ibijyanye n'imikoreshereze y'icyo kibuga gishya, harimo n'ibindi bisabwa n'amategeko agenga amarushanwa.

## Ingingo ya 7: Gusezera cyangwa kudakomeza irushanwa

**7.1** Mu gihe hari amakipe atabashije gukina cyangwa gukomeza irushanwa kubera impamvu iyo ariyo yose, Inama y'Ubutegetsi ya Rwanda Premier League igena uko irushanwa rizakinwa bitewe n'umubare w'amakipe yasigaye mu irushanwa.

**7.2.** Ikipe yasezeye mu irushanwa mu gihe cy'iminsi itagera kuri 60 mbere y'uko irushanwa ritangira (ni ukuvuga itubahirije igihe cyavuzwe mu gika kibanziriza iki) cyangwa nyuma y'uko irushanwa ritangiye icibwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni cumi n'eshanu (Frw 15,000,000) bitabujije ko ishobora gufatirwa ibindi bihano n'inzego za FERWAFA zibifitiye ububasha hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bya FERWAFA.

**7.3.** Uko byagenda kose, ikipe isezeye mu irushanwa igomba kubahiriza amasezerano ifitanye n'abakinnyi ndetse n'abandi bakozi bayo kandi ikorohereza abakinnyi bifuza kujya mu yandi makipe mu gihe yo idakina amarushanwa.

**7.4** Nta kipe yemerewe gutanga umwanya wayo mu irushanwa, yaba iwugurishije cyangwa iwutanze mu bundi buryo

## Ingingo ya 8: Ibyerekeye kwemeza ibyavuye mu mikino (match homologation)

**8.1.** Kwemeza ibyavuye mu mikino bikorwa n'Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League ku rwego rw'ibanze ndetse na Komisiyo ya FERWAFA ishinzwe amarushanwa ku rwego rwa nyuma.

**8.2.** Ibyavuye mu mikino yose y'irushanwa bihita byemezwa iyo nta kipe yanditse itambamira ibyawuvuyemo. Mu gihe habayeho impaka zishingiye ku mukino, ikipe itanga ikirego igomba kukigeza ku Bunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uhereye ku isaha umukino watangiriyeho. Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bugomba gusubiza mu gihe kitarenze amasaha 48 uhereye igihe bwakiriye icyo kirego. Uruhande rutishimiye icyemezo cy'ubunyambanga Bukuru bwandikira Komisiyo ishinzwe amarushanwa ya FERWAFA mu masaha 24 uhereye igihe bashyikirijwe icyemezo naho Komisiyo igomba guterana bitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) uhereye igihe yakiriye ubwo busabe, kugira ngo ifate umwanzuro

ushingiye ku mategeko agenga amarushanwa. Icyemezo cya Komisiyo ni ndakuka kandi ntigishobora kujuririrwa. Mu rwego rwo gukuraho urujijo, Impaka zivugwa muri iyi ngingo ntizireba ibyemezo by'abasifuzi mu kibuga. Icyakora, Ikirego kijyanye no gutambamira ibyavuye ku mukino kijyanye n'umukinnyi wakinishijwe atabyemerewe gishobora gutangwa igihe icyo aricyo cyose n'ikipe bireba (ni ukuvuga ikipe uwo mukinnyi yakinnye nayo) mu gihe irushanwa rigikinwa, ntakirego cyakirwa iyo irushanwa ryarangiye.

**8.3.** Kugira ngo umukino wemezwe ugomba kuba wakinwe wose. Gukinwa wose ni ukuvuga ko wakinwe ukarangira uko bisanzwe biteganyijwe wongeyeho igihe cy'inyongera.

**8.4.** Mu gihe umukino uhagaritswe n'impamvu zidasanzwe, zitunguranye kandi zigoranye kwirindwa (cas de force majeure), uwo mukino usubukurwa uhereye ku munota wari ugezeho igihe wahagararaga ku kibuga wakinirwagaho, kandi ugasubukurwa mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48), ukayoborwa n'itsinda ry'abasifuzi bari bawuyoboye aho bishoboka.

**8.5.** Iyo ikibuga umukino waberagaho cyangiritse ku buryo kidashobora gukinirwaho, uwo mukino usubukurwa uhereye ku munota wari ugezeho igihe wahagararaga ku kibuga wakinirwagaho, kandi ugasubukurwa mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48), ukayoborwa n'itsinda ry'abasifuzi bari bawuyoboye aho bishoboka.

**8.6.** Mu gihe umukino wakinwaga nijoro ukabangamirwa no kubura umuriro w'amashanyarazi cyangwa urumuri rw'amatara, umusifuzi afata icyemezo cyo kuwuhagarika burundu nyuma yo gutegereza iminota mirongo ine n'itanu (45) umuriro utaragaruka. Iyo bigenze gutyo, ikipe yakiriye umukino iterwa mpaga kabone nubwo iryo bura ry'urumuri rw'amatara ryaba ritayiturutseho.

**8.7.** Mu gihe amakipe yombi yahuriye ku kindi kibuga kitari icyayo (neutral venue), iryo bura ry'amashanyarizi rifatwa nk'impamvu zigoranye kwirindwa (cas de forcé majeure). Iyo umukino usubiwemo, Rwanda Premier League ni yo yishyura amafaranga ku birebana n'ingendo n'icumbi ku makipe yombi. Iyo umukino wahagaze kubera izo impamvu zigoranye kwirindwa zivugwa muri iki gika, amahame akurikira arubahirizwa:

- Umukino usubirwamo uhereye ku munota wahagarariyeho (ntabwo usubirwamo wose) kandi ibitego byari byatsinzwe bikomerezwaho.

- Abakinnyi bajya mu kibuga ni abari bakirimo ndetse no ku ntebe y'abasimbura hakajya abari baryiriho igihe umukino wahagararaga;
- Nta mukinnyi mushya wakongerwa ku rutonde rw'abasimbura;
- Ikipe zemerewe gusimbuza abakinnyi bitewe n'umubare w'abasimbura bari bacyemerewe mu mukino wahagaze;
- Abakinnyi bari bahawe amakarita atukura ntibashobora gusimbuzwa;
- Ibihano byose byari byafashwe mu mukino wahagaze birakomeza bigakurikizwa,
- Isaha, itariki n'ahantu umukino ugomba kongera gutangirizwaho byemezwa na Rwanda Premier League;
- Igihe ikipe yanze kongera kuza gukina umukino wahagaze, ihanishwa mpaga.
- Iyo umukino wahagaze kubera impamvu yavuzwe mu gika cya 4 cy'iyi ngingo, amakipe yombi ni yo yishyura amafaranga ku birebana n'ingendo n'icumbi n'ibindi ikipe isabwa ngo yitabire umukino.

**8.8.** Mu gihe bibaye ngombwa ko umusifuzi ahagarika umukino kubera umwijima mbere y'uko igihe cyagenwe cy'umukino kirangira kandi bikaba bigaragara ko byatewe no kuba umukino wakerewe gutangirira igihe cyagenwe kubera ikipe iri mu rugo, iyo kipe iterwa mpaga.

**8.9.** Mu gihe bibaye ngombwa ko umusifuzi ahagarika umukino kubera umwijima mbere y'uko igihe cyagenwe cy'umukino kirangira kandi bikaba bigaragara ko byatewe no kuba ikipe yasuye yatinze kugera ku kibuga nta mpamvu yumvikana cyangwa indi mpamvu igaragaza ko gukererwa gutangira umukino, iyo kipe iterwa mpaga.

**8.10.** Amakuru y'ibyaranze umukino abikwa hokoreshejwe ikoranabuhanga rya FCMS (Football Competition Management System). Amabwiriza n'amahugurwa ku ikoreshwa ry'ubwo buryo azatangwa n'Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League.

### Ingingo ya 9: Umutekano, Imbangukiragutabara no kutagera ku kibuga

**9.1.** Ibijyanye no gucunga umutekano ku bibuga bireba mbere na mbere ikipe yakiriye umukino. Ubuyobozi bwa FERWAFA bufite inshingano zo kumenyesha amakipe ibisabwa mu rwego rw'imicungire y'umutekano ku bibuga no gukurikirana ko yubahirizwa. Haseguriwe ibikubiye mu mabwiriza agenga ibijyanye no gucunga umutekano n'umudendezo ya FERWAFA ari nayo

akurikizwa (FERWAFA Safety and Security regulations) ikipe yakiriye umukino igomba kuba ifite umubare wa ngombwa w'abashinzwe umutekano ku kibuga b'ingeri zitandukanye harimo Polisi, stewards n'abandi bijyanye n'uburemere bw'umukino. Ishami rishinzwe umutekano n'ubwirinzi muri FERWAFA rifatanyije na Rwanda Premier League rishobora gusaba ko umubare wateganyijwe wongerwa hashingiwe ku isuzuma ry'uburemere w'umukino. Ikipe itubahirije ibivugwa muri iyi ngingo icibwa amande agaragara mu mbonerahamwe y'ibihano iri muri aya mabwiriza.

**9.2.** Ikipe iterwa mpaga kubera ko itageze ku kibuga (yaba yasuwe cyangwa yasuye) icibwa Amande y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (Frw 2, 000,000).

**9.3.** Iyo ikipe ibuze ku kibuga ku nshuro ya kabiri mu mwaka umwe w'imikino ihita isezererwa mu irushanwa. Iyo kipe igarutse mu mwaka w'imikino ukurikiyeho ihera mu cyiciro cyo hasi mu byiciro bitegurwa na FERWAFA kandi igatangirana umwenda w'amanota atandatu.

**9.4.** Iyo ikipe yakiriye (Home Team) itazanye Imbangukiragutabara (Ambulance) ku kibuga, ihita iterwa mpaga ikanacibwa Amande y'ibihumbi magana atanu (Frw 500,000) yishyurwa kuri konti ya Rwanda Premier League.

**9.5.** Iyo ikipe yakiriye umukino ikazana Imbangukiragutabara (Ambulance) idafite ibikoresho biteganijwe byashyizweho na Komisiyo y'Ubuvuzi muri FERWAFA, iterwa mpaga kuri uwo mukino yakiriye, ikanacibwa amande y'ibihumbi magana atatu (Frw 300.000).

**9.6.** Iyo ikipe ikoze amakosa yavuzwe mu bika bibanza by'iyi ngingo, inshuro eshatu (3) ihita ikurwa mu irushanwa ry'uwo mwaka. Iyo kipe iyo igarutse mu mwaka w'imikino ukurikiyeho ihera mu cyiciro cyo hasi mu byiciro bitegurwa na FERWAFA kandi igatangirana umwenda w'amanota atandatu.

**9.7.** Nyuma y'isozwa ry'umukino, abantu bemerewe gusa kwinjira mu kibuga ni aba bakurikira:

a) Abasifuzi;
b) Abakinnyi n'abasimbura bari ku rupapuro rw'umukino;
c) Abatoza, abaganga, n'abandi bakozi b'iyo kipe bari ku rupapuro rw'umukino;
d) Abashinzwe umutekano n'abarinzi b'ibibuga bashinzwe umutekano w'abitabiriye umukino;
e) Abaganga mu gihe cy'inkomere cyangwa ikibazo cy'ubuzima gikomeye;
f) Abahagarariye urwego ruyobora irushanwa (nka RPL, FERWAFA, CAF, cyangwa FIFA), iyo bari mu nshingano zabo;

g) Abanyamakuru bemerewe, ariko gusa iyo babyemerewe n'amabwiriza y'irushanwa ajyanye n'itangazamakuru nyuma y'umukino.

**9.8.** Undi muntu uwo ari we wese utagaragara mu byiciro byavuzwe haruguru ntibyemewe ko yinjira mu kibuga. Kutubahiriza iyi ngingo birahanirwa.

**9.9.** Ikipe yakiriye umukino ni yo ifite inshingano zo kurinda ko habaho kwinjira mu kibuga binyuranyije n'amabwiriza nyuma y'umukino.

**9.10.** Hatitawe kuba ikipe yasuye cyangwa yasuwe buri kipe ibazwa imyitwarire mibi y'abafana bayo nk'uko bigenwa mu mategeko ngenga myitwarire ya FERWAFA.

## IGICE CYA GATATU: ABAKINNYI, IMYAMBARO N'IBIKORESHO BY'IKIPE BYEMEWE NDETSE N'IBISABWA KU MUKINO

### Ingingo ya 10: Urupapuro rw'umukino n'umubare w'abasimbura wemewe

**10.1.** Abakinnyi bazakina iri rushanwa ni abafite impushya zibemerera gukina muri shampiyona y'umwaka w'imikino bahawe n'ishami rya FERWAFA ribishinzwe. Umubare ntarengwa w'abakinnyi bashyirwa ku rupapuro rw'umukino (feuille de match/ Team sheet) ni makumyabiri (20). Umubare ntarengwa w'abagize staff technique (technical staff) ni icyenda (9) bafite impushya (license) zijyanye n'inshingano zabo. Abakinnyi bakinira ikipe z'abato zishamikiye ku ikipe nkuru mu marushanwa ategurwa na FERWAFA bafite impushya zabugenewe bemerewe gukinira kuri izo mpushya no gushyirwa ku rupapuro rw'umukino muri uwo mubare ntarengwa w'abakinnyi 20.

**10.2.** Abafatwa nka staff technique/technical staff y'ikipe bemerewe kwicara ku ntebe y'abasimbura igihe cy'umukino ni aba bakurikira:

a. Abatoza
b. Abaganga
c. Umuyobozi ushinzwe imibereho y'ikipe (Team Manager)
d. Umuyobozi wa siporo cyangwa uwa tekiniki (Sporting Director/ Technical Director)
e. Ushinzwe ibikoresho (Kit manager)

**10.3.** Umukinnyi witabiriye umukino ni ugaragara ku rupapuro rw'umukino rutangwa na Rwanda Premier League kandi rwasinyweho n'Umutoza w'ikipe. Abakinnyi banditse ku rupapuro rw'umukino bagomba kuzuza ibisabwa bijyanye no kwitabira umukino hamwe n'ibijyanye n'ibyangombwa. Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bushobora kwifashisha uburyo bw'ikoranabuhanga mu micungire y'irushanwa. Buri kipe isaba kuzuza urupapuro rw'umukino uko bikwiye no kurushyikiriza abayobozi b'umukino ikigera ku kibuga nibura isaha imwe n'igice mbere y'umukino, aho bishoboka buri kipe ishobora gusabwa kuzuza imyirondoro y'abari ku rupapuro rw'umukino hifashsishijwe ikoranabuhanga no mu gihe cyagenwa na Rwanda Premier League. Ikipe itubahirije ibivugwa muri iyi ngingo bijyanye no kuzuza urupapuro rw'umukino mu gihe cyagenwe icibwa amande y'ibihumbi ijana (100,000) by'amafaranga y'u Rwanda kuri buri mukino iyo abayobozi b'umukino babigaragaje muri raporo.

**10.4.** Buri mukinnyi, umutoza, cyangwa undi ugize ikipe wahagaritswe ntashobora kwemererwa kwicara ku ntebe y'abasimbura cyangwa kugaragara ku rupapuro rw'umukino igihe cyose ibihano byo guhagarikwa bitararangira. Ikipe irenze ku biteganywa n'iyi ngingo ihanishwa guterwa mpaga.

**10.5.** Umubare ntarengwa w'abasimbura ikipe yemerewe kwinjiza mu mukino ni abakinnyi batanu (5).

- Buri kipe yemerewe gusimbuza inshuro zitarenze 3 mu gihe cy'umukino hatabariwemo igihe ikipe ihisemo gusimbuza mu gihe cy'akaruhuko k'igice cya mbere (half-time).
- Igihe ikipe zombi zisimburije icyarimwe mu gihe cy'umukino, iyo nshuro izabarwa mu nshuro 3 zavuzwe haruguru buri kipe yemerewe.

**10.6.** Ibanje kubisaba kandi ikabyemererwa n'umuyobozi w'umukino (Komiseri), mbere y'uko umukino utangira, ikipe yemerewe gusimbuza umukinnyi wari washyizwe ku rupapuro rw'umukino akagira ikibazo cy'imvune mbere y'uko uwo mukino utangira gituma adashobora gukina. Icyo gihe uwo mukinnyi usimbuzwa ntashobora kujya ku rutonde rw'abakinnyi b'abasimbura kandi asimbuzwa gusa umukinnyi uri ku rutonde rw'abasimbura ikipe yari yatanze.

**10.7.** Umukino w'umupira w'amaguru wemewe ntushobora gukinwa mu gihe ikipe itagizwe byibura n'abakinnyi barindwi (07). Iyo umubare w'abakinnyi ubaye muto cyangwa iyo ikipe imwe

cyangwa zombi itabonetse/zitabonetse mu kibuga mu gihe cy'iminota 15 nyuma y'isaha yagenwe kugira ngo umukino utangire, uko kubura byemezwa n'umusifuzi. Ibisabwa kugira ngo icyo gikorwa cyemerwe cyo kubura byerekanwa n'umusifuzi ku rupapuro rw 'umukino. Imwe cyangwa amakipe arebwa n'iki kibazo ihanishwa guterwa mpaga.

### Ingingo ya 11: Umubare w'abakinnyi b'abanyamahanga wemewe

**11.1.** Ikipe yemerewe gushyira icyarimwe ku rupapuro rw'umukino abakinnyi b'abanyamahanga batarenze umunani (8) ku mukino umwe.

**11.2.** Kugirango ikipe yemererwe kwandikisha umukinnyi w'umunyamahanga ahabwe uruhushya rwo gukina muri Rwanda Premier League igomba kugaragaza ko uwo mukinnyi yakinaga muri shampiyona y'icyiciro cya mbere mu gihugu avuyemo cyangwa yakiniye ikipe y'igihugu nibura inshuro imwe. Mu kwandikisha umukinnyi umwe w'umunyamahanga, ikipe yishyura miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda(2,000,000 Frw). Ibikubiye muri iyi ngingo ntibireba abakinnyi bamaze gusinya amasezerano mu ikipe mbere y'uko aya mabwiriza ashyirwaho.

**11.3.** Umukinnyi ufite sitati y'ubuhunzi wahungiye mu Rwanda akaba afite ibyangombwa bitangwa n'inzego zibifitiye ububasha ntafatwa nk'umunyamahanga mu kwandikishwa.

### Ingingo ya 12: Kwandikisha abakinnyi

**12.1.** Abakinnyi bandikwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwa FIFA/FERWAFA Connect mu gihe cyagenwe na FERWAFA. Buri kipe yemerewe kwandikisha abakinnyi batarenze 33 mu mwaka w'imikino. Uko byagenda kose, nta kipe yemerewe gusimbuza umwanya w'umukinnyi cyangwa abakinnyi yarekuye hagati mu mwaka w'imikino. Kuva mu mwaka w 'imikino wa 2026-2027, buri kipe ikina Rwanda Premier League igomba kwandikisha mu ikipe nkuru nibura abakinnyi batatu b'Abanyarwanda bari munsi y'imyaka 21, bagomba kuba bari k'urupapuro rw'umukino kandi umwe muribo agomba gukina.

**12.2.** Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umukinnyi ahabwe icyangombwa kimwemerera gukina (License) ni ibi bikurikira:

a. Indangamuntu ku mukinnyi w'umunyarwanda

b. Pasiporo ku mukinnyi w'umunyamahanga

c. Amasezerano y'akazi afite agaciro kandi yujuje ibiteganywa n'amabwiriza ya FERWAFA

d. agenga sitati z'abakinnyi (FERWAFA Rules on the status and transfer of players)

e. Amasezerano yo guhererekanya umukinnyi hagati y'ikipe umukinnyi yavuyemo n'ikipe umukinnyi yerekejemo mu buryo bwa burundu cyangwa bw'intizanyo hakurikijwe amategeko abigenga.

f. Icyemezo cy'uko mukinnyi yandukuwe mu ikipe yahozemo akaba yaranditswe mu ikipe nshya (International Transfer certificate/ Domestic Transfer certificate) hakurikijwe amategeko abigenga.

g. Urushya rwo gukora akazi mu Rwanda rufite agaciro kangana nibura n'amasezerano y'akazi umukinnyi yasinye mu ikipe imwandikisha. Iyo urwego rw'igihugu rubifite mu nshingano

rutanze uruhushya rw'igihe gito, Ikipe niyo ifite inshingano zo gukurikirana ko urwo rushushya rwongerewe mbere y'uko igihe cyarwo kirangira bitaba ibyo igaterwa mpaga ku mukino uwo mukinnyi yagaragayemo kandi uruhushya rwe rwararangiye.

h. Icyangombwa kiranga impunzi cyemewe cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha ku bakinnyi bafite sitati y'ubuhunzi.

i. Icyemezo cya muganga cyerekana ko yakorewe ibizamini byose ku buzima bwe.

j. Ubwishingizi mu kwivuza bufite agaciro k'umwaka umwe w'amarushanwa nibura.

k. Ikindi cyangombwa icyo ari cyo cyose gishobora gusabwa n'Ubunyamabanga bukuru bwa FERWAFA cyangwa bwa Rwanda Premier League

**12.3.** Ikipe yishyura amafaranga yagenwe na FERWAFA kuri buri cyangombwa cy'umukinnyi isabye.

**12.4.** Abakinnyi banditse mu ikipe y'abato bemerewe gukinira ikipe nkuru bakoresheje uruhushya basanganywe.

### Ingingo ya 13: Ibyerekeye gutizanya abakinnyi

**13.1.** Ikipe yemerewe gutiza cyangwa gutira mu ikipe imwe abakinnyi batarenze batandatu mu gihe kimwe cyo kwandikisha abakinnyi (regitration period).

**13.2** Umubare ntarengwa uvugwa mu gika kibanza ntukurikizwa iyo ari umukinnyi warerewe mu ikipe (club trained player). Umukinnyi warerewe mu ikipe ni umukinnyi wanditswe muri iyo kipe

nibura imyaka 3 ikurikirana cyangwa idakurikirana hagati y'umwaka w'imikino yujurijemo imyaka 15 n'umwaka w'imikino yujurijemo imyaka 21.

**13.3.** Igihe gito ikipe yemerewe gutiza umukinnyi ni igihe kiri hagati y'igihe cya mbere cyo kwandikisha abakinnyi n'igihe cya kabiri cyo kwandikisha abakinnyi. Igihe ntarengwa ikipe yemerewe gutiza umukinnyi ni amezi 12.

**13.4.** Intizanyo y'umukinnyi igomba kurangira mu gihe cyo kwandika abakinnyi mu gihugu cy'ikipe yamutije.

**13.5.** Amakipe abiri ntashobora kongera igihe cy'intizanyo ku mukinnyi uretse igihe umukinnyi yabyemeye mu nyandiko.

**13.6.** Ikipe yatijwe umukinnyi ntiyemerewe kumutiza cyangwa kumugurisha.

**13.7.** Iyo uruhande rumwe mu zagiranye amasezerano y'intizanyo ruyasheshe hatabayeho kumvikana n'urundi, umukinnyi asubira mu ikipe yamutije ikandika imusubiza mu bakinnyi bayo (reintegration) mu gihe cyagenwe cyo kwandikisha abakinnyi.

**13.8.** Iyo umukinnyi atijwe indi kipe, ibyo ikipe yamutije yamugombaga biba bihagaze keretse iyo byemejwe mu masezerano mashya yasinywe hagati y'uwo mukinnyi n'iyo kipe yatijwemo.

**13.9** Ibirebana n'amabwiriza yihariye ajyanye no gutizanya abakinnyi bigenwa n'Amabwiriza ya FERWAFA agenga sitati z'abakinnyi (FERWAFA Rules on the status and transfer of players). Mu gihe habayeho kuvuguruzanya n'aya mabwiriza hagenderwa ku biteganywa n'ayo mabwiriza ya FERWAFA.

### Ingingo ya 14: Imyambaro

**14.1.** Mu gihe cy'umukino, abakinnyi bagomba kuba bambaye imyambaro yo gukina isa kandi ifite ibara n'ibirango by'ikipe bakinira. Mbere y'uko umwaka w'amarushanwa utangira, buri kipe isabwe kwandikira Rwanda Premier League igaragaza imyambaro izakinana mu gihe yakiriye no mu gihe yasohotse. Ibi bikorwa nibura mbere y'iminsi 15 ngo irushanwa ritangire. Buri kipe kandi isabwa kugaragaza umwambaro wa gatatu. Iyo myambaro igizwe na:

**a)** Umupira (shirt)

**b)** Ikaburutura

**c)** Amasogisi

**d)** Imyambaro y'umunyezamu

Umwambaro ikipe ikinana mu gihe yakiriye ugomba kuba udasa n'umwambaro ikipe ikinana yasohotse cyangwa umwambaro wa gatatu. Muri iyi nyandiko ikipe igaragaza kode z'amabara y'imyambaro yayo (color codes), uruganda rwakoze iyo myambaro ndetse n'amafoto (mockup) y'iyo myambaro.

**14.2.** Mbere y'uko umwaka w'amarushanwa utangira, buri kipe isabwe kwandikira Rwanda Premier League igaragaza nomero y'umwambaro buri mukinnyi azambara.

**14.3.** Guhindura nomero cyangwa imyambaro mu mwaka umwe ntibyemewe. Icyakora iyo umukinnyi avuye mu ikipe kubera impamvu iyo ari yo yose, nomero yambaraga ishobora guhabwa undi mukinnyi bikamenyeshwa mu nyandiko Rwanda Premier League.

**14.4**. Mbere ya buri mukino, Komiseri w'umukino ari kumwe n'umusifuzi wa kane w'umukino bagenzura ko buri kipe yitwaje imyambaro yamenyekanishije ndetse ko yambara imyambaro iba yaremeranyijweho mu nama itegura umukino (Match coordination meeting).

**14.5.** Mu gihe ikipe yakiriye ntiyemerewe gukinana umwambaro yagaragaje ko ari uwo gukinana yasohotse. Mu gihe kandi ikipe yasohotse ntiyemerewe gukinana umwambaro yagaragaje ko ari uwo gukinana yakiriye uretse igihe bigaragara ko uwo mwambaro wo gukinana yasohotse usa n'uw'ikipe yakiriye.

**14.6.** Iyo ikipe ifite impamvu yihariye ituma ikinana imyambaro itagaragaje mbere, ibisabira uruhushya rwanditse muri Rwanda Premer League mbere y'amasaha 48 ngo umukino utangire kandi ikagenera kopi ikipe bizakina.

**14.7.** Abagize staff technique (technical staff) abasimbura n'abakinnyi bari kwishyushya bategetswe kwambara imyambaro ifite amabara atandukanye n'imyambaro abakinnyi bari mu kibuga bambaye ariko igomba kuba yarakozwe n'uruganda rumwe n'urwakoze imyambaro abakinnyi b'iyo kipe bakinana.

**14.8.** Ikipe yasuye isabwa kwitwaza imyambaro ibiri idahuje amabara mu rwego rwo kwirinda guhuza ibara n'ikipe yakiriye.

**14.9.** Nomero z'imyambaro y'abakinnyi zigomba kuba zigaragara kandi zandikishije umuti (ink) umwe. Ibipimo bya numero n'amazina by'imyambaro y'abakinnyi bari mu kibuga bigomba kubahiriza ibi bikurikira:

**a)** Nomero yo mu mugongo: Ntijya munsi ya santimetero 25 ariko ntirenza santimetero 35

**b)** Nomero y'ikabutura: Ntijya munsi ya santimetero 10 ariko ntirenza santimetero 15

**c)** Nomero yo mu gatuza (ku makipe ayishyiraho): Ntijya munsi ya santimetero 10 ariko ntirenza santimetero 15

**d)** Amazina y'umukinyi cyangwa y'ikipe mu mugongo: Ntirenza santimetero 7.5.

**14.10.** Ikirango cy'umuterankunga kiri mu gatuza ku mwambaro ikipe ikinana ntikigomba kurenza $cm^2$ 250 (cm 25X10)

**14.11.** Umunyezamu ntatuma ikipe yose ihindura ibara ry'umwambaro. Iyo amabara y'ikipe zombi asa, ibara rya kabiri ry'ikipe yasuye (away team) rikaba risa n'iry'umuzamu w'ikipe yasuwe (home team), iyo kipe yasuwe ifite inshingano zo gushakira umuzamu wayo umwambaro ufite irindi bara.

**14.12.** Nta kirango cyamamaza cyemerewe gushyirwa ku kuboko kw'iburyo ku mwambaro ikipe ikinana. Iki gice cyagenewe ibirango bya Rwanda Premier League gusa. Mbere y'uko umwaka w'imikino utangira Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bwohereza amakipe umubare ukwiye wa **"sleeve patches"** ziriho ibirango by'irushanwa cyangwa/n' abafatanyabikorwa b'irushanwa buri ikipe igomba gushyira k'ukuboko kw'iburyo kwayo.

**14.13.** Ikipe yemerewe gushyira k'ukuboko kw'ibumoso abafatanyabikorwa bayo ariko ntibagomba kuba bari mu cyiciro kimwe (direct competitor) n'abafatanyabikorwa ba Rwanda Premier League. Ni muri urwo rwego, buri kipe isabwa kohereza Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League abafatanyabikorwa bayo bashyirwa ku myambaro ikipe izambara nibura ukwezi kumwe mbere y'uko umwaka w'imikino utangira kugira ngo bemezwe hagendewe ku byiciro by'abafatanyabikorwa ba Rwanda Premier League.

**14.14.** Nta kipe yemerewe kwambara imyambaro iriho abafatanyabikorwa batemejwe na Rwanda Premier League. Uko byagenda kose, nta kipe yemerewe kwamamaza imvugo cyangwa ibirango bijyanye na politiki, iyobokamana cyangwa irondabwoko/irondaruhu cyangwa bibangamira ituze rusange rya rubanda. Ikipe yakiriye/yasuwe ifite inshingano zo kwambika abana batora imipira imyambaro itariho ibirango by'abafatanyabikorwa cyeretse gusa iyo babisabiye uburenganzira Rwanda Premier League ikabubaha. Ikipe itubahirije ibivugwa muri iyi ngingo ntiyemererwa gukina itabanje guhindura iyo myambaro bitaba ibyo igaterwa mpaga. Iyo yinangiye inshuro 3 isezererwa mu irushanwa yagaruka ikazahera mu kiciro cyo hasi mu byiciro by'amarushanwa ategurwa na FERWAFA.

**14.14.** Ubunyambanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bufite ububasha bwo gutanga inyandiko zikubiyemo amabwiriza ajyanye n'imyambaro n'ibikoresho byemewe harimo abafatanyabikorwa bemewe ku myambaro y'ikipe, íbice bitemewe kwamamazwaho ku mwambaro, uburyo amakipe asaba ko abafatanyabikorwa bayo bemezwa, imipira yemewe gukinwa n'ibindi bigamije kunoza isura y'imikino y'irushanwa binyuze mu myambaro n'ibikoresho byemewe.

**14.15.** Abakinnyi basimbura n'abatoza bashobora kwambara imyambaro yo kwishyushya cyangwa ingofero, ariko iyi myambaro igomba kuba itariho ibirango by'abaterankunga. Cyakora ibirango by'uruganda rukora imyambaro ikipe ikinana biremewe.

### Ingingo ya 15: Ubuzima bw'abakinnyi no guteganya ihinduka ry'ibihe

**15.1.** Buri kipe isabwa gukora ibizami by'ubuzima ku bakinnyi bayo bose mbere y'uko irushanwa ritangira. Ibyo bizami bigomba gukorwa n'umuganga wemewe kandi ubifitiye ubushobozi. Uko ubuzima bwa buri mukinnyi buhagaze bigaragazwa mu nyandiko isinywe n'umuganga, igashyikirizwa Rwanda Premier League mbere y'uko umukinnyi akoreshwa. Umukinnyi utarakorewe ibizami by'ubuzima ntiyemererwa gukina.

**15.2.** Iyo ubushyuhe buri hejuru ya dogere mirongo itatu (30°C), umusifuzi yemerewe gutanga akaruhuko ko kunywa amazi (Cooling break) inshuro imwe muri buri gice.

**15.3.** Iyo hari ubushyuhe buri munsi ya dogere cumi na zirindwi (17°), ikipe isabwe guteganya imyambaro y'imbeho y'abakinnyi.

**15.4.** Iyo hari ubushyuhe buri munsi ya dogere cumi na zirindwi (17°), ikipe isabwe guteganya imyambaro y'imbeho y'abana basubiza imipira mu kibuga (Ball kids).

**15.5.** Mu gihe cy'imvura, ikipe yakiriye isabwe guteganya imyambaro itava (impermeables) y'abana basubiza imipira mu kibuga (Ball kids).

## IGICE CYA KANE: ABAYOBOZI B'IMUKINO

### Ingingo ya 16: Uko abayobozi b'umukino bashyirwaho

**16.1.** Abayobozi b'umukino ni:

- **a)** Abasifuzi (The Referees and the Assistant Referees),
- **b)** Komiseri w'umukino (Match Commissioner)
- **c)** Umugenzuzi w'abasifuzi (Referee assessor),
- **d)** Umuhuzabikorwa w'umukino (The General Coordinator),
- **e)** Ushinzwe Umutekano (The Security Officer),
- **f)** Ushinzwe itangazamakuru (Media officer)
- **g)** Ushinzwe abafatanyabikorwa (Marketing/comercial officer)
- **e)** Undi muyobozi wese ushyirwaho na FERWAFA cyangwa Rwanda Premier League

Komisiyo ishinzwe imisifurire muri FERWAFA niyo igena abasifuzi bayobora imikino. Komiseri w'umukino iyo mu nshingano ze harimo no gusuzuma imikorere y'abasifuzi (Commissaire/ assesseur) ashyirwaho na komisiyo ishinzwe imisifurire. Mugihe adashinzwe isuzuma ry'abasifuzi ashyirwaho n'ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA aribwo bushinzwe gushyiraho ba komiseri b'imikino. Abandi bayobozi b'umukino barimo Umuhuzabikorwa w'umukino n'abandi bashobora guhabwa inshingano zo kurengera inyungu z'abafatanyabikorwa bashyirwaho n'Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League.

**16.2.** Haseguriwe ku nshingano z'abayobozi b'umukino ziteganywa mu mabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA, Komiseri niwe uhagararira FERWAFA na Rwanda Premier League ku mukino kandi akagenzura imyitwarire y'abasifuzi iyo nta mugenzuzi wabo washyizweho. Komiseri w'umukino niwe uyobora inama itegura umukino yitabirwa n'amakipe n'abandi bafatanyabikorwa akunganirwa n'umuhuzabikorwa w'umukino cyane cyane ku bintu birebana

n'imirimo ijyanye no gutegura umukino (match operations). By'umwihariko, Umuhuzabikorwa w'umukino ashinzwe gukurikirana ko amabwiriza agenga irushanwa yubahirizwa n'abo bireba bose ku mukino, kurengera inyungu z'abafatanyabikorwa ba Rwanda Premier League n'ibijyanye n'umutekano ku kibuga iyo nta Security officer washyizweho kuri uwo mukino.

**16.3.** Rwanda Premier League ishobora gushyiraho abakorerabushake ku mikino hagamijwe kunoza imitegurire, kwamamaza no kurengera inyungu z'abafatanyabikorwa ku mikino. Icyo gihe amakipe n'abandi bafatanyabikorwa bamenyeshwa abo bantú ndetse n'inshingano zayo.

### Ingingo ya 17: Imihango ya mbere y'umukino no mu gihe cy'umukino

**17.1.** Mbere ya buri mukino habaho inama yo gutegura umukino (Match coordination meeting) igomba kwitabirwa n'abayobozi b'umukino ndetse n'abahagarariye amakipe yombi by'umwihariko ushinzwe ikipe (team manager) ushinzwe ibikoresho, umuganga w'ikipe n'undi wese wakenerwa. Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bufatanyije n'abayobozi b'umukino bushinzwe gutegura izi nama. Iyi nama ishobora kuba imbonankubone cyangwa hifashishijwe itumanaho/ikoranabuhanga ikaba nibura umunsi umwe mbere y'umukino cyangwa amasaha 6 mbere y'umukino ku munsi w'umukino.

**17.2.** Mu nama itegura umukino amakipe yibutswa ibikubiye mu mabwiriza agenga irushanwa hagamijwe kunoza imitegurire yawe ndetse hakanemeranywa ku mabara amakipe yombi azambara.

**17.3.** Umuhuzabikorwa w'umukino ashinzwe gukurikrana ko abo bireba bose n'amakipe bubahiriza igihe cyagenwe cy'umukino kugira ngo utangirire igihe. Ni muri urwo rwego ashobora gushyiraho gahunda y'umunsi uko ikurikiranwa akayimenyesha amakipe n'abandi bireba. Abayobozi b'umukino basabwa kugera kuri Stade nibura amasaha 2 mbere y'umukino naho amakipe akahagera nibura isaha imwe n'igice mbere y'umukino.

**17.4**. Abasifuzi basabwa kugenzura ikibuga iyo bageze kuri stade bagatanga inama zo kunoza aho imirongo idasize neza, guhagarika cyangwa gusubika umukino igihe babona ikibuga kitameze neza. Kwishyushya mbere y'umukino bikorerwa mu kibuga bigatangira iminota 50 mbere y'umukino kugeza hasigaye iminota 20 mbere y'umukino. Icyakora, Umuhuzabikorwa

w'umukino cyangwa Komiseri w'umukino bashobora kwemeza ko íbice bimwe na bimwe by'ikibuga bitemerewe gukorerwaho imyitozo yo kwishyushya mbere y'umukino igihe ikibuga bigaragara ko kitameze neza ku buryo kugikoreraho iyo myitozo byacyangiza kurushaho.Imyitozo ya mbere y'umukino ishobora gukurwaho kandi mu kibuga hagati igihe hari impamvu zumvikana zigamije kurengera ikibuga no kutacyangiza, icyo gihe umuyobozi w'umukino abimenyesha amakipe mbere bakumvikana aho iyo myitozo ikorerwa. Umusifuzi wa kane ashinzwe kugenzura ko imipira ikinwa irimo umwuka uhagije (utari munsi cyangwa hejuru y'igipimo cya 9.0) ndetse no kureba niba ikibaho kifashishwa mu gusimbuza gihari. Ikipe yasuwe ishobora gufasha iyasuye kugira ngo yitoreze ku kibuga kizaberaho umukino umunsi umwe mbere y'uwo mukino. Icyakora, iyo ibyo bidashobotse Ikipe yasuye niyo ifite inshingano zo gushaka ikibuga ikoreraho imyitozo.

**17.5.** Mbere y'umukino amakipe asohoka mu rwambariro arangajwe imbere n'abasifuzi yerekeza ahateganye n'imyanya y'abanyacyubahiro (VVIP/VIP Tribune), ikipe yasuwe igomba guhagarara ibumoso bwa Tribune naho iyasuye igahagarara iburyo. Iyo amakipe ageze ku murongo wa nyuma ikipe yasuye niyo itangira isuhuza abasifuzi igakomereza ku ikipe yasuwe mbere y'uko igaruka mu mwanywa wayo gufata ifoto mbere y'umukino naho ikipe yasuye igasuhuza abasifuzi igasubira mu mwanya wayo gufata ifoto. Komiseri w'umukino ntabwo yemerewe gusohoka imbere y'amakipe igihe ava mu rwambariro yerekeza ku kibuga. Ubunyambanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bushobora gusohora amabwiriza agenga imigenzo ya mbere y'umukino bukayamenyesha abo bireba bose.

**17.6.** Mbere y'uko umwaka w'imikino utangira Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bufatanyije na Komisiyo ishinzwe imisifurire butegura amahugurwa agenewe amakipe mu rweho rwo kubasobanurira amategeko mashya agenga umukino azakurikizwa ndetse n'amabwiriza agenga imitegurire y'irushanwa. Buri kipe igomba kumenyesha abakinnyi n'abatoza bayo kwitabira iyi nama kandi igategura aho ibera hari nibura indangururamajwi na projector, Rwanda Premier League imenyesha amakipe amatariki ayo mahugurwa/inama bizaberaho mbere kugira ngo abone umwanya wo kwitegura no gutegura ibisabwa byose. Ikipe itubahirije ibivugwa muri iyi ngingo icibwa amande y'amafaranga ibihumbi magana atanu y'u Rwanda (500,000 Frw)


**17.7.** Mu gihe cy'umukino amakipe yemerewe kwishyushya inyuma y'ibyapa byamamaza ahagana muri corner cyangwa inyuma y'izamu. Iyo nta mwanya uhari uhagije amakipe yishyuhiriza iruhande

rw'intebe z'abasimbura. Usibye abanyezamu bemerewe kwishyushya bakoresheje umupira nabwo bari kumwe n'umutoza w'abanyezamu abandi bakinnyi ntibabyemerewe.

Umubare ntarengwa w'abakinnyi bashobora kwishyuhiriza icya rimwe ni 6 hamwe n'abatoza 2 iyo bishyuhiriza inyuma y'izamu cyangwa kuri corner naho iyo ari iruhande rw'intebe y'abasimbura ni abakinnyi 4 gusa. Ikipe itubahirije ibivugwa muri iyi ngingo ishobora gucibwa amande y'amafaranga ibihumbi magana atatu y'u Rwanda (300,000 Frw) iyo yihanangirijwe ntiyikosore.

**17.8.** Haseguriwe ku bwumvikane bw'amakipe cyangwa icyemezo cy'abayobozi b'umukino, Ikipe yasuwe ikoreshwa urwambaririo ruri ibumoso naho iyasuye igakoresha urwambariro ruri iburyo bwaho binjirira. Ibi kandi byubahirizwa no ku ntebe z'abasimbura aho ikipe yasuwe ikoresha ibumoso naho iyasuye igakoresha iburyo bwa Tribune VIP.

**17.9.** Ikipe yakiriye umukino isabwa kugena "cones" zishyirwaho imipira itari munsi ya 12 ikoreshwa n'abana bagarura imipira mu kibuga (ball kids). Igihe cyose umuhuzabikorwa w'umukino cyangwa Komiseri w'umukino agomba gukurikirana ko buri cone nibura iriho umupira mu gihe cy'umukino kandi akaba afite umupira w'inyongera ku ntebe y'umusifuzi wa kane. Nta mwana wemerewe gufata umupira mu ntoki ahubwo imipira isohotse bayisubiza kuri cone waruriho hakurikijwe igishushanyo gikurikira: Ikipe bigaragaye ko irenze ku bivugwa muri iyi ngingo cyangwa yagabanyije nkana umubare w'abagarura imipira igamije gutinza umukino (time wasting) ihanishwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana atatu by'amafaranga y'u Rwanda (300,000 Frw).



**17.10.** Iyo umusifuzi agenzuye imipira y'ikipe yakiriye agasanga itujuje ubuziranenge cyangwa yarangiritse hakoreshwa imipira y'ikipe yasuye.

## IGICE CYA GATANU: IBIREBANA NO GUHANA NDETSE NO GUKEMURA IMPAKA

### Ingingo ya 18: ibihano n'ibirego

**18.1** Amakosa n'imyitwarire mibi bihanwa hakurikijwe amategeko Ngengamyitwarire ya FERWAFA n'amabwiriza agenga amarushanwa ategurwa na FERWAFA. Ibihano birimo:

**Ibihabwa abantu:**

- **a)** kugawa;
- **b)** ihazabu;
- **c)** kwihanangirizwa;
- **d)** kwirukanwa;
- **e)** guhagarikwa umubare runaka w'imikino;
- **f)** kubuzwa kugera mu rwambariro/kwicara ku ntebe y'abasimbura
- **g)** kubuzwa kugera ku kibuga cy'umupira;
- **h)** kubuzwa gukora imirimo yose ijyanye n'umupira w'amaguru;
- **i)** gusubiza ibihembo.

**Ibihabwa inzego:**

- **a)** kwihanangirizwa;
- **b)** kugawa;
- **c)** ihazabu;
- **d)** kubuzwa kwandikisha abakinnyi bashya;
- **e)** gukina ikibuga gifunze (nta bafana bahari);
- **f)** gutegekwa gukinira ku kibuga kitari icy'amakipe yahuye;
- **g)** kubuza gukinira ku kibuga runaka;
- **h)** kugira impfabusa ibyavuye mu mukino;
- **i)** Guhezwa;
- **j)** mpaga;
- **k)** gukurwaho amanota;
- **l)** gusubiza ikipe mu cyiciro cyo hasi;
- **m)** gusubiza ibihembo.

Mu gusuzuma ibikorwa bigendanye n'imyitwarire, imvugo z'umusifuzi cyangwa abandi bayobozi b' umukino zihabwa agaciro kugeza igihe hatangiwe ikimenyetso kizinyomoza.

**18.2**. Ibirego birebana no kuba umukinnyi atemerewe gukina umukino (reserve de qualification) bitangwa mu buryo bukurikira :

- Bishyirwa ku rupapuro rw'umukino ku ikipe irega imbere ya Komiseri w'umukino mbere y'uko umukino utangira. Ubwo busabe bukorwa na kapiteni w'ikipe iregwa ahari kandi akabushyiraho umukono. Icyakora, ibi iyo bidakozwe mbere y'umukino ntibibuza ko ikirego cyakirwa mu gihe ikipe yubahirije ibivugwa mu gika gikurikira.
- Ubusabe buvugwa haruguru bwemezwa n'ikirego cyoherezwa mu Bunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League mu gihe kitarenze amasaha 24 uhereye igihe umukino warangiriye
- ndetse n'inyemezabwishyu y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda yo gutanga ikirego yishyurwa kuri konti ya Rwanda Premier League Kugirango icyo kirego cyakirwe.
- Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League busuzuma ikirego bugasubiza ikipe yareze mu gihe kitarenze amasaha 48 bwakiriye icyo kirego mu buryo bw'ibanze. Uruhande rutishimiye igisubizo cya Rwanda Premier League rushobora kwitabaza Komisiyo y'Amarushanwa muri FERWAFA. Icyemezo cy'iyo Komisiyo ni ndakuka kandi ntikijuririrwa.
- Ikipe itarebwa n'umukino uwo mukinnyi yaba yarakinnyemo ntiyemerewe gutanga ikirego ariko ishobora gutanga amakuru yafasha inzego zibishinzwe gukurikirana.

**18.3** Ibindi birego byose bijyanye n'umukino bifitiwe ibimenyetso bitavuzwe mbere y'itangizwa ry'umupira bimenyeshwa Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League mu masaha 24 nyuma y'umukino. Ibiregerwa bigomba gusobanurwa, ni ukuvuga gusobanura ibinengwa n'urundi ruhande, kwibutsa mu buryo buvunaguye ingingo z'itegeko zirebana nabyo.

**18.4** Haseguriwe ibimaze kuvugwa muri iyi ngingo, Ubunyambanga Bukuru ku rwego rwa mbere ndetse na Komisiyo y'amarushanwa muri FERWAFA ku rwego rwa kabiri bushobora gusuzuma ikirego babyibwirije igihe icyo aricyo cyose mu bihe bikurikira:

- Uburiganya bukozwe ku ikarita ndangamuntu y'umukinnyi (Player license)
- Uburiganya bugamije kubona cyangwa gukoresha ibyangombwa bisabwa
- Gukinisha cyangwa gushyira ku rupapuro rw'umukino umukinnyi wahagaritswe

Mu bihe no mu buryo buvuzwe muri iki gika, hatitawe ku bihano biteganyijwe mu mategeko ngengamyitwarire n'aya mabwiriza, igihano izo nzego zombi zitanga ni ugutakaza umukino kuri mpaga. Ikipe yo ku rundi ruhande ni ukuvuga itari iyo uwo mukinnyi yagaragaye mu mukino wayo, ntishobora guhabwa amahirwe y'inota cyangwa amanota indi kipe yatakaje.

**18.5.** Urutonde rw'ibihano bitoya ku myitwarire itajyanye n'umuco wa siporo mu gihe amakipe yahuye ni umugereka wa mbere w'aya mabwiriza. Ibirego byose bivugwa muri iyi ngingo ntibizitabwaho cyangwa ngo byakirwe mu gihe bitanzwe nyuma y'irushanwa cyangwa imikino y'umunsi wa nyuma w'irushanwa yatangiye gukinwa. Icyakora, Komisiyo imyitwarire ya FERWAFA igumana ububasha bwo gukurikirana ikosa iryo ari ryo ryose ry'imyitwarire, nk'uko biteganywa mu Mategeko Ngengamyitwarire.

### Ingingo ya 19: Ibyerekeye kujurira

**19.1.** Haseguriwe ibivugwa muri aya mabwiriza bijyanye n'ibirego bijyanye no kwemeza ibyavuye mu mukino cyangwa ibirego bijyanye no gukinisha umukinnyi utabyemerewe aho byemezwa na Rwanda Premier League ku rwego rwa mbere ndetse na Komisiyo y'Amarushanwa ku rwego rwa kabiri, Imihango ikurikizwa mu gihe cy'ijurira ni iteganyijwe mu mategeko ngengamyitwarire ya FERWAFA n'andi mategeko n'amabwiriza bya FERWAFA.

**19.2.** Komisiyo y'Ubujurire ifite, ububasha yaba ubwo kwemeza icyemezo cyari cyafashwe ari nacyo kijurirwa cyangwa se guhindura icyemezo bibaye ngombwa ibihano bikongerwa,

**19.3**. Uwifuza kujurira icyemezo yandikira Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA mu gihe cy'amasaha 48 uhereye igihe yamenyeshejwe icyemezo.

### Ingingo ya 20: ibyerekeye guhagarikwa no Kwirukanwa

**20.1. Ukwihanangirizwa** Ni igihano umusifuzi aha umukinnyi mu mukino yihanangiriza imyitwarire mibi mu mukino nk'uko biteganyijwe n'amategeko agenga umukino (Laws of the game).

**20.2. Kwirukanwa** Ni icyemezo cy'umusifuzi gisaba umuntu kuva ku kibuga no hafi yacyo, harimo no ku ntebe y'abasimbura mu gihe cy'umukino. Umuntu wirukanwe mu kibuga ashobora kujya aho abandi barebera, usibye iyo ari mu gihano kimubuza kugera ku kibuga cy'umupira. Ku bakinnyi cyangwa abatoza/abayobozi bari ku rupapuro rw; umukino, kwirukanwa ku kibuga bigaragazwa n' "ikarita y'umutuku". Umuyobozi w'ikipe wirukanwe (wari ku ntebe y'abasimbura) ashobora

guha amabwiriza umusimbura we uri ku ntebe hifashsishijwe ikoranabuhanga. Icyakora agomba kwirinda kubangamira abandi bareba umukino n'imigendekere myiza yawo. igihano cyo kwirukanwa ku kibuga, n'iyo cyatanzwe mu mukino wahagaritswe cyangwa wavanweho,

uwagihawe ahagarikwa umukino ukurikira. Igihe iri hagarikwa rimara gishobora kongerwa na Komisiyo ishinzwe imyitwarire.

**a)** Buri mukinnyi, Umutoza cyangwa umuyobozi wirukanywe ku kibuga bishingiye ku cyemezo cy'umusifuzi mu gihe cy'umukino w'irushanwa ahita ahagarikwa ku mukino wateganyijwe ukurikiraho wo muri iryo rushanwa.

**b)** Ukwihanangirizwa gatatu (3) guhawe umukinnyi cyangwa umuyobozi/umutoza (team official) mu gihe cy'amarushanwa bihita bivamo igihano cyo guhagarikwa ku mukino ukurikiraho wo muri iryo rushanwa.

**c)** Ukwirukanwa inshuro eshatu (3) gukorewe umukinnyi cyangwa Umuyobozi /umutoza (team official) mu gihe cy'irushanwa bihita bivamo igihano cyo guhagarikwa imikino isigaye yose muri iryo rushanwa.

**20.3.** Igihano cyo guhagarikwa kibarwa mu mikino, iminsi cyangwa amezi haba ku mukinnyi, umuyobozi cyangwa umuyobozi w'ikipe.Iyo ihagarikwa rigenwe mu mubare w'imikino, imikino yakinwe ni yo yonyine ibarwa. Icyakora iyo umukino uhagaritswe, ukuweho cyangwa ugatsindwa kuri mpaga, igihano cy'ihagarikwa gifatwa nk'icyakozwe iyo ibyatumye umukino uhagarikwa, uvanwaho cyangwa utsindwa kuri mpaga bitatewe n'ikipe y'umikinnyi cyangwa umutoza wahagaritswe.

### Ingingo ya 21: Ibyaha bikomeye (Ruswa, kugena ibiva mu mukino (Match Manipulation), kugaragara mu bikorwa byo gutega n'ibindi)

**21.1.** Icyaha cya ruswa cyangwa gushaka kugena ibiva mu mukino ntigisaza.

**21.2.** Haseguriwe ibindi bihano biteganywa n'amategeko ya FERWAFA, CAF cyangwa FIFA, Umuntu wese utanga cyangwa wizeza urwego rwa FERWAFA, Rwanda Premier League, umuyobozi w'umukino, umukinnyi cyangwa undi umukozi ruswa agamije kugena ibiva mu mukino cyangwa gutuma yica amategeko ya FERWAFA ahanishwa ibihano bikurikira:

**a)** ihazabu itarengeje amafaranga miliyoni y'amafaranga y'u Rwanda (1,000.000Frw);

**b)** guhagarikwa mu bikorwa byose bijyanye n'umupira w'amaguru mu gihe cy'imyaka icumi ;

**c)** guhagarikwa ku bibuga mu gihe cy'imyaka icumi.

Kwakira ruswa (gusaba, kwizezwa cyangwa kwemera ibyo udakwiye) bihanwa kimwe no mu gika cya mbere.Ni ukuvuga ko uwatanzwe ruswa n'uwayihawe bahabwa ibihano bimwe.

Iyo habaye ibyaha bikomeye n'iyo habaye insubiracyaha, igihano gishobora kumara ubuzima bwose. Urwego rubishinzwe rutanga igihano cyo gufatira imitungo n'ibintu byakoreshejwe mu gukora icyaha. Ibyo bintu bikoreshwa muri gahunda yo guteza imbere umupira w'amaguru.

Uko byagenda kose ikurikiranacyaha mu nkiko zisanzwe ntirivanwaho no kuba umuntu akurikiranyweho ayo makosa n'inzego za FERWAFA. Rwanda Premier League na FERWAFA bashobora gufatanya n'izindi nzezo zose bireba mu gukumira no kugenza ibyaha bya ruswa, match manipulation n'ibindi bifitanye isano biciye mu buryo bwo gusangira amakuru yafasha inzego z'ubugenzacyaha ku mpande zose.

**21.3.** Birabujijwe ku bantu barebwa n'iri tegeko ku buryo buziguye cyangwa butaziguye kugira uruhare urwo ari rwo rwose mu gutega, gukina imikino y'amahirwe cyangwa indi mikino n'ibikorwa bifitanye isano bifite aho bihurira n'imikino y'umupira w'amaguru. Birabujijwe kandi kugira uruhare ruziguye cyangwa rutaziguye, mu bigo, imiryango cyangwa amasosiyete ashishikariza, atanga amakuru, ategura cyangwa acunga ibyo bikorwa n'iyo mikorere. Kurenga kuri ibi bihanishwa

- **a)** ihazabu itarengeje amafaranga miliyoni y'amafaranga y'u Rwanda (1,000.000Frw);
- **b)** guhagarikwa mu bikorwa byose bijyanye n'umupira w'amaguru mu gihe cy'imyaka icumi ;
- **c)** guhagarikwa ku bibuga mu gihe cy'imyaka icumi.

## Ingingo ya 22: Kugenzura no guca imiti n'ibindi bikoresho bitemewe

Hagamijwe kubungabunga ubuzima bw'abagira uruhare mu irushanwa bose, gukumira amakimbirane no kurinda isura nziza y'irushanwa, ibi bikurikira ntibyemewe:

*Kunywa cyangwa gusiga ikintu cyose kitemewe n'inzego zemewe z'ubuvuzi cyangwa umuganga w'ikipe birabujijwe mu kibuga no muri stade mu gihe cy'imikino. Ibi birimo ifu, amavuta, ibyo bapuriza (sprays) cyangw ibindi bintu bitazwi mu buvuzi bwa Siporo.*

a) Umukinnyi cyangwa umutoza ukoze ibi ahaniswa amande angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana. Iyo bigaragaye ko iyo miti ifite ingaruka ku buzima bw'abandi, uwayikoresheje ahanishwa guhagarikwa imikino itanu n'amande angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu.

**22.1.** Nta muntu cyangwa ikipe yemerewe kwangiza, guhindura cyangwa guhamba ikintu icyo ari cyo cyose mu kibuga, mu izamu cyangwa ku ntebe y'abasimbura mbere, mu gihe cyangwa nyuma y'umukino. Urugero: guhambamo udushushanyo, gusuka amavuta/ifu cyangwa gusiga ibintu mu kibuga cyangwa ku bikoresho byo muri stade.

Ubikoze ahanishwa amande angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana no guhagarikwa imikino itatu. Ayo mande yishyurwa n'ikipe.

**22.2.** Abakinnyi n'abatoza bagomba kubahiriza amategeko ya FIFA yerekeye ibikoresho n'imyambaro. Nta kintu kitemewe gishobora kwambarwa hejuru cyangwa munsi y'imyambaro y'umukinnyi. Ibi birimo impeta zidafite ishingiro rya kiganga, amasaro, inigi cyangwa udupfunyika. Iyo bigaragaye ko hari umukinnyi cyangwa umutoza wambaye ibi bintu, umuyobozi w'umukino amusaba kubikuramo. Iyo abyanze ntiyemererwa gukina umukino. Gusubiramo iri kosa bimuviramo gucibwa amande angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana no guhagarikwa imikino itatu. Ayo mande yishyurwa n'ikipe.

**22.3.** Igikorwa cyose giteye urujijo gikorewe ahabona (mu kibuga, ku mpande cyangwa mu nzira zo kwinjira mu rwambariro) cyafatwa n'umusifuzi cyangwa komiseri w'umukino nk'igiteye ubwoba, gitesha igihe cyangwa gishobora guteza amakimbirane nticyemewe. Urugero: gusuka ibintu mu izamu, mu izamu, mu rwambariro cyangwa imihango ikerereza itangira cyangwa ikomeza ry'umukino. Iyo umusifuzi Cyangwa Komiseri w'umukino abigaragaje muri raporo, uwabikoze acibwa amande angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana. Iyo abisubiyemo ahanishwa amande angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu no guhagarikwa imikino itatu. Ayo mande yishyurwa n'ikipe.

Iyo ibi bikozwe n'ikipe ihanishwa amande angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi Magana atanu.

**22.4**. Aya mabwiriza ntabwo agamije kwivanga mu myemerere y'umuco cyangwa iyobokamana ry'abakinnyi cyangwa abatoza. Abantu bemerewe gukora imyiteguro cyangwa imigenzereze ijyanye no kwemera kwabo ku giti cyabo mu rwambariro cyangwa ahandi hihariye, igihe bidahabanye n'ingingo zavuzwe haruguru.

## Ingingo ya 23: Ibikorwa bihanirwa bishobora gukorwa n'ikipe

**23.1.** Guhamba cyangwa gushyira ibintu mu kibuga mbere y'umukino

Urugero: guhamba, gusuka cyangwa gusiga ibintu by'amayobera mu izamu, mu rwambariro, mu nzira iva mu rwambariro, ku ntebe z'abasimbura cyangwa mu murongo w'ikibuga, gushyira ibintu by'amayobera mu rwambariro rw'ikipe yasuye.

Ikipe ikoze ibi iterwa mpaga (forfeit) ikanacibwa amande angana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe.

**23.2.** Ubuyobozi bw'ikipe butegetswe kudahishira no kugaragariza Rwanda Premier League abakinnyi cyangwa abafana bakoze ibikorwa by'amayobera. Iyo ikipe ihishiriye cyangwa ntitange raporo ku bikorwa byavuzwe mu bika bibanziriza iki kandi byakozwe n'abakinnyi cyangwa abakozi bao, ihanishwa gucibwa amande angana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe.

## IGICE CYA KANE: IBIJYANYE NO KUGURISHA AMATIKE Y'UMUKINO

### Ingingo ya 24: Kugurisha amatike y'umukino

**24.1.** Rwanda Premier League niyo yonyine yemerewe gutanga uburenganzira kuri sosiyete zitanga serivisi z'uburyo bwo kugurisha amatike no kuyimenyesha amakipe mbere y'uko umwaka w'imikino utangira.

**24.2.** Ubunyamanga Bukuru bwa Rwanda Premier League nibwo bufite ububasha bwo kwemeza ibiciro by'amatike yo kwinjiriraho ku mikino igendeye ku busabe bw'amakipe harimo n'ubusabe bwo kwinjiriza Ubuntu. Ikipe yakira umukino igomba kumenyesha Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League ibiciro by'amatike y'imikino iteganyijwe mu kwezi nibura bitarenze tariki 30 z'ukwezi kubanza kugira ngo byemezwe. Nta kipe yemerewe kurenza ibihumbi bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (5,000) kuri tike ya macye itabiherewe uburenganzira bwanditse na Rwanda Premier League.

**24.3.** Mu gihe ikipe isabye kwemererwa kwinjiriza Ubuntu ku mukino yakiriye igomba kubimenyesha Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League nibura iminsi 7 mbere y'uwo mukino ndetse no kwishyura ibihumbi magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda kuri konti ya Rwanda Premier League yo kwishyura ikiguzi kigenda ku mirimo yo gutegura no gukurikirana imikino.

**24.4.** Ikipe yakiriye umukino igomba kohereza Ubunyambanga amatike agenewe abafatanyabikorwa ba Rwanda Premier League nibura amasaha 72 mbere y'umukino ku mikino yabereye kuri stade yakira abantu batarenze ibihumbi icumi buri gihe mu buryo bukurikira:

- Amatike **5** yo mu kiciro cya mbere (honorary tribune/VVIP).
- Amatike **15** mu kiciro cya kabiri (VIP tribunes).
- Amatike **50** mu kiciro cya gatatu (Regular).

Kuri stade yakira abantu barenze ibihumbi 10, amakite atangwa mu buryo bukurikira:

- Amatike **10** yo mu kiciro cya mbere (honorary tribune/VVIP).
- Amatike **30** mu kiciro cya kabiri (VIP tribunes).
- Amatike **200** mu kiciro cya gatatu cy'ahasanzwe (Regular).
- Icyumba 1 cya Skybox

**24.5.** Ikipe yakiriye umukino igomba kugenera ikipe yayisuye amatike 10 akubiyemo aya VVIP na VIP.

**24.6.** Inama y'Ubutegetsi ya Rwanda Premier League ifatanije na FERWAFA ni zo nzego zifite ububasha bwo kugena uko amafaranga yavuye mu gucuruza amatike agabanywa abafatanyabikorwa bireba.

**24.7.** Ikipe irenze ku bivugwa muri iyi ngingo icibwa amande y'ibihumbi Magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda (500,000 Frw) iyo Sitade yakiriye umukino ifite imyanya itarenze cyangwa ingana n' ibihumbi icumi (<= 10,000), na miliyoni eshatu (3,000,000 Frw) iyo Sitade yakiriye umukino ifite imyanya irenze ibihumbi icumi(> 10,000).

## IGICE CYA GATANU: IMIKORANIRE N'ITANGAZAMAKURU, N'ABAFATANYABIKORWA,

### Ingingo ya 25: Imikoranire n'itangazamakuru

**25.1.** Buri kipe isabwe kugira umukozi ufite amasezerano ahoraho cyangwa adahoraho ushinzwe itangazamakuru.

**25.2.** Umukozi ushinzwe itangazamakuru mu ikipe afite inshingano zikurikira:

- **a)** Gutegura ikiganiro n'abanyamakuru kibanziriza buri mukino. Iki kiganiro cyitabirwa n'umutoza mukuru cyangwa uwungirije.
- **b)** Gushyira amajwi n'amashusho by'ikiganiro n'abanyamakuru kibanziriza umukino kuri internet kandi mu buryo bworohereza abanyamakuru kubikoresha.
- **c)** Kugeza ku ishami rya Rwanda Premier League rishinzwe itangazamakuru mu buryo bwa e-mail (media@rpl.rw) amafoto nibura atanu kandi afite ubuziranenge yafashwe ku myitozo ya nyuma ibanziriza umukino.
- **d)** Gushyiraho uburyo bwo kwandika abanyamakuru bazakurikirana umukino w'ikipe akorera (accreditation).
- **e)** Gufasha abanyamakuru kubona aho bakorera kandi hisanzuye ku kibuga mu gihe cy'umukino. Aho abanyamakuru bakorera hagomba kuba haboneka uburyo bwo gukoresha umuriro w'amashanyarazi.
- **f)** Kugeza ku banyamakuru urupapuro rw'umukino (team sheet).
- **g)** Guha match announcer amakuru arebana na gahunda y'umukino.
- **h)** Korohereza mu kazi umukozi ushinzwe itangazamakuru mu ikipe yasuye.
- **i)** Kumenya umubare w'abanyamakuru bakurikiranye umukino ikipe akorera yakiriye.
- **j)** Gutegura icyumba gikorerwamo ikiganiro n'abanyamakuru nyuma y'umukino
- **k)** Kuyobora umutoza n'umukinnyi watoranijwe mu cyumba gikorerwamo ikiganiro n'abanyamakuru nyuma y'umukino.
- **l)** Gushyira amajwi n'amashusho by'ikiganiro n'abanyamakuru gikurikira umukino kuri internet kandi mu buryo bworohereza abanyamakuru kubigeraho no kubikoresha.
- **m)** Kugeza ku ishami rya Rwanda Premier League rishinzwe itangazamakuru mu buryo bwa e-mail (media@rpl.rw) amafoto nibura atanu kandi afite ubuziranenge yafashwe ku mukino. Ayo mafoto agomba kuba arimo: Ifoto y'abakinnyi 11 batangiye umukino (lineup), ifoto ya

**n)** ba Kapiteni bombi bari kumwe n'abasifuzi, ifoto y'umukinnyi watsinze igitego mu gihe umukino wabonetsemo igitego, ifoto y'umukinnyi witwaye neza kurusha abandi (man of the match).

**o)** Guhitamo abanyamakuru binjira mu cyumba gikorerwamo ikiganiro n'abanyamakuru gikurikira umukino bitewe n'ingano y'icyumba.

**p)** Guha abafata amafoto n'amashusho y'umukino imyambaro ibaranga.

**25.3.** Ubunyamabanga Bukuru bwa Rwanda Premier League bufite ububasha bwo gushyiraho amabwiriza yihariye agena imikorere y'abanyamakuru, uburenganzira n'inshingano bafite mu gihe cy'irushanwa.

**25.4.** Umutoza mukuru wa buri kipe asabwe kugirana ikiganiro n'itangazamakuru mu bihe bikurikira: Umunsi ubanziriza umukino, ku munsi w'umukino (i.e umukino ukirangira).

**25.5.** Buri kipe isabwe kugena umukinnyi ugirana ikiganiro n'itangazamakuru ku munsi w'umukino (i.e umukino ukirangira).

**25.6.** Buri kipe isabwe kuba ifite urubuga rwa internet rugezweho kandi rukora neza bitarenze tariki ya 01/01/2026.

**25.7.** Buri kipe isabwe kugira nibura imbuga za Facebook, X, Instagram na YouTube zikora buri munsi bitarenze tariki ya 01/01/2026.

**25.8.** Umukozi ushinzwe itangazamakuru muri buri kipe ategetswe kuyobora umutoza mukuru cyangwa umukinnyi ahakorerwa ikiganiro na Televiziyo yerekanye umukino cyangwa ikindi gitangazamakuru kibifitiye uburenganzira bwatanzwe na Rwanda Premier League. Iki kiganiro ntikigomba kurenza iminota ibiri.

**25.9.** Nta munyamakuru wemerewe gufatira ikiganiro (interview) mu kibuga uretse Televiziyo yerekanye umukino cyangwa undi ubifitiye uburenganzira bwatanzwe na Rwanda Premier League.

**25.10.** Abagize amakipe bose bagomba kuvugana n'itangazamakuru ari uko babiherewe uruhushya n'amakipe yabo

**25.11.** Iyo umukino urangiye mu masaha y'ijoro, ikipe yakiriye umukino isabwe gucana amatara amurikira ikibuga nibura ku kigero cya 50 ku ijana iminota 45 nyuma y'umukino kugirango abafatanyabikorwa n'abanyamakuru basoze imirimo yabo muri stade.

## Ingingo ya 26: Imikoranire n'abafatanyabikorwa n'abaterankuga

**26.3.** Buri kipe isabwe kurinda no kubungabunga ibyapa byamamaza by' ikigo cyangwa urwego rw'abafatanyabikorwa ba Rwanda Premier League biri ku kibuga cyayo mu gihe cy'umukino.

**24.4.** Buri kipe isabwe kubahiriza amabwiriza yo kwamamaza ku kibuga ibikorwa by'abafatanyabikorwa ba Rwanda Premier League hakurikijwe amabwiriza abigenga.

**26.5.** Mu rwego rwo kongera ubwitabire bw'abafana no gukurura abaterankunga bashya, ikipe yakiriye ishishikarizwa gutegura nibura umukino umwe mu gice kibanza cy'irushanwa n'umukino umwe mu gice cyo kwishyura nk'umunsi wihariye (special matchday). Kuri iyo minsi, ikipe isabwa gutegura ibikorwa by'imyidagaduro cyangwa ibindi bikorwa byihariye bigamije gushimisha abafana no kongera agaciro k'irushanwa. Ibi bikorwa bigomba gutegurwa ku bufatanye na Rwanda Premier League kandi bikubahiriza amabwiriza agenga umutekano, ubucuruzi, n'imyidagaduro yemewe ku munsi w'umukino.

**26.6.** Rwanda Premier League ifatanije n'ikipe yakiriye bashyiraho uburyo bwo kwinjiza muri stade abahagarariye inzego zikurikira: Abakozi n'Abagize Komite Nyobozi ya FERWAFA, Ishyirahamwe ry'Abatoza, Ishyirahamwe ry'abasifuzi, Ishyirahamwe ry'abahoze bakinira ikipe y'igihugu y'u Rwanda n'andi mashyirahamwe ahuza abafatanyabikorwa b'ingenzi.

**26.7.** Buri kipe isabwe gukoresha imipira (Official matchball) yagenwe na Rwanda Premier League.

**26.8.** Abafatanyabikorwa n'abaterankunga ba Rwanda Premier League bafite uburenganzira bwo gukoresha amashusho, amafoto y'abakinnyi n'abagize amakipe ndetse n'ibirango by'amakipe mu bikorwa byo kwamamaza byose bifite aho bihuriye n'mikino ya Rwanda Premier League.

### Ingingo ya 27: Imikoranire n'ikigo cyerekana imikino

**27.1.** Buri kipe yakiriye, buri muyobozi w'umukino n'abandi bakozi bahawe inshingano ku mukino bafite inshingano zo korohereza no guha amakuru y'ingenzi ku gihe abakozi b'ikigo cyerekana imikino ya Rwanda Premier League.

**27.2.** Amakipe yombi, abayobozi b'umukino n'umukozi wa Rwanda Premier League bemerewe guhabwa amashusho y'umukino wose ukirangira cyangwa incamake y'umukino. Aba ntibemereye kuyakoresha mu bucuruzi.

## Ingingo ya 28: Ibirebana no kwamamaza n'uburenganzira bwo gucuruza (Publicity and comercial rights)

**28.1.** Rwanda Premier League ifite uburenganzira bwose bukomoka ku irushanwa n'indi myidagaduro bibera mu Rwanda mu buryo busesuye. Nta kumirwa iryo ari ryo ryose ribaho rishingiye kuri ubwo burenganzira, igihe bumara, cyangwa hakurikijwe aho bari, n'amategeko ahagenga. Ubwo burenganzira bukubiyemo ubwoko bwose bw'uburenganzira ku mutungo, amashusho y'iyumvabona (Audio-visual) n'ibiganiro binyura kuri radiyo, uburenganzira bwo kongera gukora no gusakaza, uburengaznira bwo kunyuza mu buryo bw'isakazamakuru bunyuranye, uburenganzira bwo kwamamaza no guteza imbere, uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge nk'ibirango by'irushanwa n'uburenganzira butangwa n'itegeko rigenga uburenganzira bw'umuhanzi.

Rwanda Premier League ifata ibyemezo ku byerekeranye n'uburyo umuntu ahabwa ubwo burenganzira n'aho bugarukira kandi igashyiraho ingingo zihariye muri urwo rwego. Inama y'ubutegetsi ya Rwanda Premier League ifite uburenganzira bwo kwemeza niba yifuza kubyaza umusaruro ubwo burenganzira yonyine cyangwa yifuza gufatanya n'abandi muri urwo rwego cyangwa guha undi muntu ububasha bwo kubikora.

**28.2.** Inama y'ubutegetsi ya Rwanda Premier ifite ububasha bwo gushyiraho amabwiriza agena uburenganzira bwo gucuruza bufitwe n'amakipe (Decentralised rights) n'uburenganzira bwo gucuruza bubyazwa umusaruro ku rwego rwa Rwanda Premier League (Centralised rights).

**28.3.** Ibijyanye no kwamamaza ku bibuga n'umwanya ugenewe buri mufatanyabikorwa biteganywa n'umugereka wa gatatu w'aya mabwiriza. Inama y'Ubutegetsi ya Rwanda Premier League ifite uburenganzira busesuye bwo kubivugurura igihe icyo ari cyose biri ngombwa.

**28.4.** Umufatanyabikorwa wa sitade abujijwe kugaragaza ibimenyetso byose bimuranga, birimo izina rye, ikirango (logo), ikimenyetso cy'ubucuruzi (trademark), ibimenyetso by'ubuhanzi cyangwa imiterere y'ikirango, interuro ndangacuruzi (slogans), cyangwa amabara y'ikigo cye, ahagenwe kwamamaza muri sitade hakurikijwe amabwiriza ya Rwanda Premier League kabone nubwo amasezerano yaba afitanye na nyiri sitade yaba amuha ubwo burenganzira.

**28.5.** Rwanda Premier League niyo yonyine ifite uburenganzira bwo kwamamaza no gukora ibindi bikorwa nkabyo muri metero 150 uvuye mu buso bwa stade. Nta kipe cyangwa abafatanyabikorwa bayo bemerewe kwamamaza cyangwa gukora ibindi bikorwa nkabyo aho havugwa batabiherewe uburenganzira na Rwanda Premier League cyangwa urundi rwego rwa Leta rubifitiye ububasha. Ikipe izabirengaho izahanishwa gucibwa ihazabu(amande) y'amafaranga miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5,000,000 Frw).

**28.6.** Rwanda Premier League cyangwa abafatanyabikorwa bayo bafite uburenganzira bwo gukoresha Amashusho/amafoto y'abantu bose barebwa n'aya mabwiriza yafashwe mu irushanwa by'umwihariko abakinnyi, abayobozi b'umukino n'abandi mu rwego rw'ubucuruzi cyangwa kwamamaza.

### Ingingo ya 29 : Uruhushya rwo gutangaza amarushanwa n'imyidagaduro

**29.1.** Rwanda Premier league ni yo yonyine ifite ububasha bwo gutanga uruhushya rwo gutangaza amashusho cyangwa amajwi y' imikino n'indi myidagaduro iri mu nshingano zayo nta kumirwa ribayeho iryo ari ryo ryose ryaba rishingiye ku hantu bibera, ubwoko bwabyo, amatariki, ibya tekiniki cyangwa ibyerekeranye n'amategeko.

## IGICE CYA GATANU: IGIKOMBE N'IMIDARI

### Ingingo ya 30: Igikombe n'imidari

**30.1.** Ikipe yatwaye igikombe igishyikirizwa ku mukino wa mbere yakiriye ukurikira umukino yakwijeho amanota atuma itwara igikombe. Iyo nta wundi mukino izakira, igihabwa ku mukino wa nyuma w'irushanwa.

**30.2.** Iyo irushanwa rigeze ku munsi wa nyuma hari amakipe arenze imwe ashobora gutwara igikombe, Ubuyobozi bwa Rwanda Premier League bujyana igikombe cy'umwimerere (Original) ku kibuga ikipe iyoboye urutonde yakiniyeho, ibindi bikombe bitari umwimerere (replica) bikajyanwa ku bibuga andi makipe afite amahirwe yo gutwara igikombe yakiniyeho.

**30.3.** Abakinnyi n'abagize staff technique (technical staff) b'ikipe yatwaye igikombe bahabwa imidari. Umukinnyi yambara umudari ari uko yagaragaye ku rupapuro rw'umukino inshuro zingana na 20% by'irushanwa.

**30.4.** Ikipe isabwe kugeza ku Buyobozi bwa Rwanda Premier League mu buryo bwanditse urutonde rw'Abakinnyi n'abagize staff technique (technical staff) bazambikwa imidari, amasaha 48 mbere y'umunsi wo kwakira igikombe cya Shampiyona yatsindiye.

**30.5.** RPL igena imiterere y'igikombe n'imidari bihabwa ikipe yasoje irushanwa ari iya mbere hagandewe ku biteganywa n'ingingo ya 4, igika cya 1.

## IGICE CYA GATANDATU: IBIJYANYE N'IMARI N'IBIHEMBO

### Ingingo ya 31: Gugabana amafaranga yinjijwe n'urwego

Inama y'Ubutegetsi ya Rwanda Premier League ifite inshingano zo gushyiraho uburyo cg amabwiriza agena uko amafaranga yinjijwe n'urwego agabanywa amakipe yitabira irushanwa.

Haseguriwe ku biri mu nyungu za RPL n'abanyamuryango bayo, Rwanda Premier League yinjiza amafaranga binyuze:

a) Kugurisha uburenganzira bwo kwitirirwa irushanwa (title sponsorship). Mu rwego rwo gukuraho urujijo, nta kipe yemerewe kwitirira imikino yayo y'irushanwa izina iryo ari iryo ryose ritandukanye n'izina ry'irushanwa ryemejwe na Rwanda Premier League.
b) Kwerekana imikino (broadcasting rights). Nta kipe yemerewe kwerekana imikino y'iruhanwa mu buryo bwa live. Rwanda Premier League ishyiraho amabwiriza yihariye ajyanye n'ikoreshwa ry'amashusho y'irushanwa.
c) Gutanga uburenganzira bwo gucuruza amatike.
d) Kwamamaza ku kibuga hagendewe ku biteganywa n'aya mabwirirza.
e) Kwamamaza ku myenda y'abasifuzi, ikibaho cyandikwaho gikoreshwa mu gusimbuza

### Ingingo ya 32: Ibihembo

Ibihembo bigenerwa amakipe bigenwa na RPL hagendewe ku mafaranga urwego rwinjije.

## IGICE CYA KARINDWI: KUBAHIRIZA AMATEGEKO, AMABWIRIZA, N' IBYEMEZO BYA RWANDA PREMIER LEAGUE NA FERWAFA

### Ingingo ya 33: Kubahiriza amabwiriza

**33.1.** Amakipe yose azitabira irushanwa ategetswe kubahiriza amategeko, amabwiriza cyangwa ibyemezo bitangwa n'inzego zibifitiye ububasha.

**33.2.** Ikipe izarenga kuri ayo mabwiriza avuzwe mu gika kibanza izafatirwa ibihano bikwiriye.

**33.3.** Rwanda Premier League cyangwa FERWAFA bashobora gusimbuza imyenda y'abanyamuryango /amakipe ibyo ibafitiye.

## IGICE CYA MUNANI: INGINGO ZISOZA

### Ingingo ya 34: Ibidateganyijwe muri aya amabwiriza n' Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mategeko shingiro

**34.1.** Ibidateganyijwe muri aya mabwiriza hazitabazwa amabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA. Mu gihe habaye kuvuguruzanya n'andi mategeko ya FERWAFA, Ibikubiye muri aya mabwiriza nibyo bikurikizwa.

**34.2.** Aya mabwiriza yateguwe mu rurimi rw'ikinyarwanda, asuzumwa kandi yemezwa mu rurimi rw'ikinyarwanda.

**34.3** Izindi ngingo zose zinyuranye n'aya mabwiriza zivanyweho.

**34.4.** Aya mabwiriza atangira kubahirizwa amaze kwemezwa na Komite Nyobozi ya FERWAFA

**Bikorewe i Kigali, ku wa 11/09/2025**

.....................................

SHEMA Ngoga Fabrice

**Perezida/FERWAFA**

.....................................

MUGISHA Richard

**Umunyamabanga Mukuru w'agateganyo/FERWAFA**

.....................................

Yusufu MUDAHERANWA

**Umuyobozi/RPL**

## Umugereka I: IMBONERAHAMWE Y'IBIHANO (AMANDE)

| | IKOSA | IGIHANO (FRW) |
|---|---|---|
| 1. | Ikarita imwe y'Umuhondo | 5,000 |
| 2. | Umukinnyi umwe uhawe amakarita abiri y'umuhondo mu mukino umwe | 10,000 |
| 3. | Ikarita y'umutuku iturutse ku ikosa ryo mu mukino | 20,000 |
| 4. | Ikarita y'umutuku iturutse ku myitwarire mibi (indiscipline) | 50,000 |
| 5. | Gukererwa kugera ku kibuga iminota 30 | 100,000 |
| 6. | Guterwa mpaga (wasuye cg wasuwe) | 2,000,000 |
| 7. | Kutazana imbangukiragutabara (Ambulance) ku kibuga | Guterwa mpaga |
| 8. | Kuzana imbangukiragutabara idafite ibikoresho byuzuye | Guterwa mpaga |
| 9. | Umwambaro utubahirije amabwiriza | 20,000/buri mwambaro |
| 10. | Umutoza utabonetse mu kiganiro n'abanyamakuru | 100,000 |
| 11. | Umukinnyi utabonetse mu kiganiro n'abanyamakuru | 50,000 |
| 12. | Gukinana imyambaro itandukanye n'iyo ikipe yagaragaje | 100,000 |
| 13. | Kudatanga amafoto y'umukino | 30,000/buri foto |
| 14. | Kutagira umukozi ushinzwe itangazamakuru | 50,000/buri mukino |
| 15. | Kutubahiriza imiterere y'ibyapa byamamaza | 250,000 |
| 16. | Kutagira imyambaro itava (impermeables) y'abana bagarura imipira mu kibuga | 50,000/buri mukino |
| 17. | Kutagira icyumba gikorerwamo ikiganiro n'abanyamakuru | 100,000 |
| 18. | Icyumba gikorerwamo ikiganiro n'abanyamakuru kitujuje ibisabwa | 50,000 |
| 19. | Kutubahiriza amabwiriza arengera inyungu z'abaterankunga | 250,000 |
| 20. | Kudakoresha imipira yagenwe (oficial matchball) | 100,000 |
| 21. | Kunanirwa kubuza abafana n'abandi batabyemerewe kujya mu kibuga nyuma y'umukino ku nshuro ya mbere. | Kwihanangirizwa |
| 22. | Kunanirwa kubuza abafana n'abandi batabyemerewe kujya mu kibuga nyuma y'umukino ku nshuro ya kabiri n'izindi nshuro | 50,000 |
| 23. | Gutinda gutanga urupapuro rw'umukino | 50,000 |
| 24. | Kutubahiriza amabwiriza agenga umutekano n'ubwirinzi muri stade | 250,000 |
| 25. | Kutubahiriza amabwiriza agena abemerewe kwicara ku ntebe y'abasimbura | 100,000 |

## Umugereka II: IMBONERAHAMWE Y'UBURENGANZIRA BWA RWANDA PREMIER LEAGUE N'UBW'AMAKIPE MU BY'UBUCURUZI NO KWAMAMAZA

| ICYICIRO | UBURENGANZIRA BWA RPL | UBURENGANZIRA BW'AMAKIPE |
|---|---|---|
| **Uburenganzira bwo kwerekana imikino** | RPL ifite uburenganzira bwihariye bwo gutanga uburenganzira ku kigo cyerekana imikino mu buryo bwose. | Amakipe ntashobora kwerekana no gukwirakwiza amashusho y'imikino. |
| **Izina ry'irushanwa** | RPL ni yo yonyine ifite uburenganzira bwo kugena izina ry'irushanwa. | Amakipe agomba gukoresha izina ryemewe na RPL. |
| **Logo ya RPL ku kaboko k'iburyo** | Akaboko k'iburyo ku myambaro y'abakinnyi kajyaho gusa ikirango cya RPL. | Amakipe ntashobora gushyira ikirango icyo ari cyo cyose kuri aka kaboko. |
| **Ahandi ku mwambaro** | Nta gace RPL ikoresha ku mwambaro uretse akaboko k'iburyo. | Amakipe afite uburenganzira bwo kugurisha ibindi bice byose y'imyambaro hagendewe ku biteganywa n'aya mabwiriza |
| **Videwo n'amafoto by'imikino** | RPL ifite uburenganzira ku mashusho yose y'imikino. | Amakipe ashobora gukoresha amashusho mu bikorwa bidaharanira inyungu gusa. |
| **Ibyapa byamamaza ku kibuga** | RPL ifite uburenganzira kuri 70% by'umwanya wo kwamamaza ku kibuga, igashyiraho amabwiriza abigenga. | Amakipe uburenganzira kuri 30% by'umwanya wo kwamamaza. Ibirango bikoreshwa bagomba kugezwa kuri RPL ikabyemeza. |
| **Ibikoresho byamamaza byo mu cyumba gikorerwamo ikiganiro n'abanyamakuru** | RPL igenzura ibirango byamamaza mu byumba bikorerwamo ikiganiro n'abanyamakuru. Abafatanyabikorwa bakora ibisa n'iby'abafatanyabikorwa ba RPL ntibemerewe kugaragaramo. | Amakipe ashobora kwamamaza abafatanyabikorwa batabangamiye inyungu z'abafatanyabikorwa ba RPL. |
| **Ubucuruzi ku mbuga nkoranyambaga** | RPL igenzura ibikorwa byo kwamamaza kuri murandasi by'irushanwa n'abafatanyabikorwa baryo. | Amakipe ashobora gukora ubucuruzi kuri murandasi ariko agashyigikira ibikorwa bya RPL ku munsi w'umukino. |
| **Umupira wo gukina.** | RPL ni yo ifite uburenganzira ku birango biri ku mupira wo gukina. | Amakipe nta burenganzira afite kuri ibi bice. |
| **Amatike yo kwinjira ku mikino** | FERWAFA na RPL ni byo bifite uburenganzira bwo gushyiraho, kugenzura no gucunga sisitemu yo gucuruza amatike. | Amakipe ntiyemerewe gukoresha sisitemu zayo cyangwa kugirana amasezerano n'ikigo gicuruza amatike. |
| **Ibirori byo ku munsi w'umukino** | RPL igenzura ibikorwa byamamaza n'ibirori by'abafana ku minsi y'imikino | Amakipe ashobora gutegura ibirori byayo mu buryo butabangamiye inyungu za RPL. |
| **Ibihembo n'ibirori byo gutanga ibihembo** | RPL igenzura ibijyanye no kwamamaza mu birori no ku bihembo byose by'irushanwa. | Amakipe ntiyemerewe gutanga Cyangwa kwamamariza ku bihembo bitangwa na RPL. |
| **Gukoresha Logo n'Izina rya RPL** | RPL igenzura uko izina na logo by'irushanwa bikoreshwa. | Amakipe bagomba kubikoresha hakurikijwe amabwiriza ya RPL. |